Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup

N° 85/01 ryo ku wa 02/09/2002
Iteka rya Perezida rishyiraho amabwiriza rusange agenga imihanda n'uburyo bwo kuyigendamo........2

Decree N° 85/01of 02/09/2002
Presidential regulating general traffic police and road traffic...2

N° 85/01 du 02/09/2002
Arrêté Présidentiel portant règlement genéral de la police du roulage et de la circulation routière. 2

Annexes 192

Imigereka 1-6 : Ibisobanuro by'ibyapa n'ibimenyetso 204

Appendices 1-6 : Explanations of road signs and ground marks..204

Annexes 1-6 : Explicatioin des signaux routiers et marques au sol...204

Nº 068/02/10/fin ryo kuwa 06/12/2002
Iteka rya minisitiri rishyiraho ingingo zubahiriza iteka rya Perezida wa Repubulika nº85/01 ryo kuwa 2 nzeri 2002 rishyiraho amabwiriza rusange agenga imihanda n'uburyo bwo kuyigendamo. 233

Nº068/02/10/fin of 06/12/2002
Ministerial order for the implementation of Presidential order nº85/01 of 2/09/2002 providing general road security and road traffic regulation 233

Nº 068/02/10/fin du 06/12/2002
Arrêté ministériel portant mésure d'éxécution de l'arrêté Présidentiel nº 85/01 du 2 September 2002 portant règlement général de la police de roulage et de la circulation routière 233

ITEKA RYA PEREZIDA N° 85/01 RYO KU WA 02/09/2002 RISHYIRAHO AMABWIRIZA RUSANGE AGENGA IMIHANDA N'UBURYO BWO KUYIGENDAMO.

Twebwe Paul KAGAME,
Perezida wa Repubulika,

Dushingiye ku Itegeko Shingiro rya Repubulika y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 9, 10 n'iya 16 igika cya 3 z'Amasezerano yerekeranye n'igabana ry'Ubutegetsi yashyiriweho umukono ARUSHA ku wa 30 ukwakira 1992;

Tumaze kubona itegeko n° 34/1987 ryo kuwa 17 Nzeli 1987 ryerekeye imihanda n'uburyo bwo kuyigendamo;

Dusubiye ku cyemezo n° 660/206 cyo ku wa 11 Nzeri 1958 gishyiraho amategeko agenga imihanda n'uburyo bwo kuyigendamo;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa **18 Ukuboza 1998**; imaze kubisuzuma no kubyemeza;

TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:

PRESIDENTIAL DECREE N° 85/01OF 02/09/2002 REGULATING GENERAL TRAFFIC POLICE AND ROAD TRAFFIC.

We, Paul KAGAME,
President of the Republic,

Given the Fundamental Law of the Republic of Rwanda especially in its Articles 9,10 and 16;3 of the Protocol on Power Sharing, signed in ARUSHA on October 30,1992;

Given Law n° 34/1987 of September 17,1987 relating to traffic and road traffic policies;

Having revisited the Ordinance n° 660/206 of September 11, 1958 regulating Traffic and Road Traffic;

After consideration and approval by the Cabinet Meeting in its session of **18, December 1998;**

HAVE DECIDED AND DO HEREBY DECIDE:

ARRETE PRESIDENTIEL N° 85/01 DU 02/09/2002 PORTANT REGLEMENT GENERAL DE LA POLICE DU ROULAGE ET DE LA CIRCULATION ROUTIERE.

Nous Paul KAGAME,
Président de la République,

Vu la loi fondamentale de la République Rwandaise spécialement en ses articles 9, 10, et 16; 3 du Protocole d'Accord sur le partage du pouvoir, signé à ARUSHA le 30 octobre 1992;

Vu la loi n° 34/1987 du 17 Septembre 1987 relative à la police du roulage et de la circulation routière;

Revue l'ordonnance n° 660/206 du 11 septembre 1958 portant règlement de la police du roulage et de la circulation;

Après examen et approbation du Conseil des Ministres en sa séance du 18 Décembre 1998;

<u>AVONS ARRETE ET ARRETONS</u>:

IGICE CYA MBERE: AMATEGEKO ABANZA

UMUTWE WA MBERE: IBIREBWA N'IRI TEKA

Ingingo ya 1:

Iri teka rigenga uburyo bwo kugenda mu nzira nyabagendwa, bwerekeye abanyamaguru, ibinyabiziga, inyamaswa zikurura, izikorera ibintu, cyangwa izo bagenderaho kimwe n'amatungo.

UMUTWE WA II: IBISOBANURO

Ingingo ya 2:

Mu gukurikiza ibivugwa muri iri teka:

1. Ijambo "Inzira nyabagendwa" rivuga imbago zose z'imihanda minini, amabarabara, aho abantu nyamwinshi bahurira, aho imodoka zihagarara, inzira n'utuyira two ku muhanda, ibiraro, ibyombo, mbese ku buryo rusange, imihanda nyabagendwa yose igendwamo ku butaka;

2. Ijambo "umuhanda", rivuga igice cyangwa ibice by'inzira nyabagendwa bigendwamo n'ibinyabiziga, iyo nzira nyabagendwa ikaba yagira imihanda myinshi itandukanyijwe ku buryo bugaragara n'ubutaka bwayo cyangwa ubusumbane;

FIRST PART: PRELIMINARY PR0VISIONS

CHAPTER ONE : AREA OF APPLICATION

Article 1:

This Decree regulates traffic, on the public highway, of pedestrians, of vehicles and loaded or mounted draught animals, and livestock.

CHAPTER II: DEFINITIONS

Article 2:

For application of provisions of this decree:

1. The term “ Public highway” designates all roads, streets, public places, parking stations, paths, footpaths, bridges, ferries, as a whole, and generally speaking, all ways opened to public traffic by land;

2. The term « Roadway » designates part (s) of the public way usually left for vehicles, while a public highway may include several road ways separated by a central pavement or different levels.

PREMIERE PARTIE : DISPOSITIONS PRELIMINAIRES

CHAPITRE PREMIER : CHAMP D'APPLICATION

Article Premier:

Le présent arrêté régit la circulation, sur la voie publique, des piétons, des véhicules et des animaux de trait, de charge et de selle, ainsi que des bestiaux.

CHAPITRE II : DEFINITIONS

Article 2 :

Pour l'application des dispositions du présent arrêté:

1. Le terme "voie publique" désigne toute l'emprise des routes, des rues, des places publiques, des aires de parcage, des chemins, des sentiers, des ponts, des bacs et, d'une façon générale, de toutes les voies ouvertes à la circulation publique par terre;

2. Le terme "chaussée" désigne la ou les parties de la voie publique normalement utilisées pour la circulation des véhicules; la voie publique pouvant comporter plusieurs chaussées nettement séparées l'une de l'autre notamment par un terre-plein central ou une différence de niveau;

3. Ijambo "inzira y'ibinyabiziga", rivuga umuhanda n'inzira ziwukikije;

4. Ijambo "igisate cy'umuhanda" rivuga kimwe mu bice bigabanyije umuhanda mu burebure bwawo bishobora kugaragazwa n'umurongo umwe ukomeje cyangwa ugizwe n'uduce dukulikiranye ariko icyo gisate kikagira ubugari buhagije ku buryo ibinyabiziga bitali amagare, velomoteri cyangwa amapikipiki bigenda bibangikanye;

5. Ijambo "agahanda k'amagare" bivuga igice cy'inzira nyabagendwa cyagenewe kunyurwamo n'amagare na velomoteri bikagaragazwa n'ikimenyetso cyabigenewe.

6. Amagambo "isangano" ni "inkomane" bivuga ahantu hose imihanda ihurira, aho umuhanda urasukira mu wundi cyangwa mu maharakubiri y'inzira nyabagendwa, ubwo hakabarirwamo imyanya igizwe n'ayo mahuliro n'izo nkomane cyangwa n'ayo maharakubiri y'imihanda.

7. Ijambo "akayira" bivuga inzira nyabagendwa ifunganye yagenewe gusa abanyamaguru cyangwa ibinyabiziga bigendera ku biziga bibiri.

8. Ijambo "inzira y'igitaka" bivuga inzira nyabagendwa yagutse kurusha akayira ariko ubusanzwe ikaba itaragenewe ibinyabiziga bibiri.

3. The term " Way suitable for motor vehicles" designates the roadway and pavements on the same level;

4. The term " Traffic lane" designates any one of the longitudinal parts of the roadway materialised or not by continuous or discontinuous marks, but having sufficient width to allow the traffic of one file of vehicles other than cycles, motorcycles or bicycles;

5. The term "Cycle lane" designates the portion of the public highway affected, by special roadsigns, to the traffic of bicycles and motorcycles;

6. The terms "Crossroads" and "Intersection" designate any crossing at the same level, junction or fork of public highways, including places formed by such crossings, junctions or forks;

7. The term "Footpath" designates a narrow public way accessible only to the traffic of pedestrians or of two wheel vehicles;

8. The term "Path" designates a public way larger than a footpath but which in normal conditions is not accessible to automobile vehicles traffic.

3. Le terme "voie carrossable" désigne la chaussée et les accotements de plain-pied;

4. Le terme "bande de circulation" désigne l'une quelconque des parties longitudinales de la chaussée, matérialisées ou non par des marques continues ou discontinues, mais ayant une largeur suffisante pour permettre la circulation d'une file de véhicules autres que des cycles; des cyclomoteurs ou des bicyclettes;

5. Le terme "piste cyclable" désigne la partie de la voie publique affectée, par une signalisation spéciale, à la circulation des bicyclettes et des cyclomoteurs;

6. Les termes "carrefour" et "intersection" désignent toute croisée à niveau, jonction ou bifurcation de voies publiques, y compris les places formées par de telles croisées, jonctions ou bifurcations;

7. Le terme "sentier" désigne une voie publique étroite accessible seulement à la circulation des piétons ou des véhicules à deux roues;

8. Le terme "chemin de terre" désigne une voie publique plus large qu'un sentier mais qui n'est pas normalement accessible à la circulation des véhicules automoteurs.

Inzira y'igitaka ikomeza kwitwa ityo iyo isa n'umuhanda igihe irasutse gusa mu yindi nzira nyabagendwa

9. Ijambo "urusisiro" bivuga ahantu hose hari amazu yegeranye cyangwa afatanye, ari ku ruhande urwo arirwo rwose rw'inzira nyabagendwa cyangwa se aho binjirira n'aho basohokera hagaragazwa n'ibyapa by'aho hantu;

10. Ijambo "umuyobozi" bivuga umuntu wese utwaye ikinyabiziga cyangwa uyobora mu nzira nyabagendwa inyamaswa zikurura, zikorera cyangwa zigenderwaho, cyangwa amatungo, yaba ubushyo cyangwa imwe imwe;

11. Ijambo "umukozi ubifitiye ububasha" bivuga umwe mu bakozi bavugwa mu ngingo ya 3 y'iri teka, wambaye ku buryo bugaragaza ibimenyetso by'imirimo ashinzwe.

Iyo umugenzi ahagaze, umukozi ubifitiye ububasha ashobora kuba adafite ibyo bimenyetso, ariko rero agomba kugaragaza ko abifitiye ububasha

12. Ijambo "ikinyabiziga" bivuga ikintu cyose gikoreshwa mu gutwara abantu n'ibintu ku butaka, kimwe n'igikoresho cyose kigendeshwa, gihingishwa, gikoreshwa mu nganda cyangwa ahandi.

13. Ijambo "ikinyamitende" bivuga ikinyabiziga cyose, nk'igare ry'ikiziga kimwe, ry'ibiziga bibiri, bitatu cyangwa bine, kigendeshwa

The path keeps its nature when it presents the aspect of a roadway only at its junction with another public way;

9. The term " Built-up area" designates any space comprises closely if not continuously built buil bordering one or the other side of the public v of which entries and exits are especially designa signposts;

10. The term "Driver" designates any person who directs a vehicle or who, on the public way, guides loaded or mounted draught animals, or isolated animals or herds;

11. The term "qualified agent" designates one of the agents specified in Article 3 of this Decree, when visibly wearing the symbols of his functions.

When the user is not in motion, the agent is not obliged to respect that requirement but he then has to justify his quality.

12. The term "Vehicle" designates any means of transport by land, and any moving, farming , industrial or other material;

13. The term " cycle" designates any vehicle such as monocycle, bicycle, tricycle or quadricycle, exclusively propelled by the muscle energy of

Le chemin de terre conserve sa nature s'il ne présente l'aspect d'une chaussée qu'à sa jonction avec une autre voie publique.

9. Le terme "agglomération" désigne tout espace qui comprend des immeubles bâtis rapprochés, sinon contigus, bordant l'un ou l'autre côté de la voie publique, ou dont les entrées et les sorties sont spécialement désignées par des panneaux de localisation.

10. Le terme "conducteur" désigne toute personne qui assure la direction d'un véhicule ou qui, sur la voie publique, guide des animaux de trait, de charge ou de selle, ou des bestiaux, isolés ou en troupeaux;

11. Le terme "agent qualifié" désigne l'un des agents visés à l'article 3 du présent arrêté, portant visiblement les insignes de ses fonctions.

Lorsque l'usager n'est pas en mouvement, l'agent peut ne pas satisfaire à cette condition, mais il doit alors justifier de sa qualité.

12. Le terme "véhicule" désigne tout moyen de transport par terre, ainsi que tout matériel mobile, agricole, industriel ou autre.

13. Le terme "cycle" désigne tout véhicule tel que monocycle, bicyclette, tricycle ou quadricycle, propulsé exclusivement par

n'ingufu z'abantu bakiriho nko kuba bakoresha ibirenge cyangwa intoki.

14. a) Ijambo "igare" bivuga ikinyamitende cy'ibiziga bibiri;

b) Ijambo "velomoteri" bivuga ikinyabiziga gifite ibiziga bitarenze bibiri kandi gifite moteri itarengeje santimetero kibe 50 cyangwa imbaraga zitarenga KvA 4 kandi, hakurikijwe uko cyakozwe, umuvuduko wacyo nturenge Km 60 mu isaha.

Igare na velomoteri bidahetse ababigenderaho ntibifatwa nk'ibinyabiziga.

15. Ijambo "ipikipiki" bivuga ikinyabiziga cyose cy'ibiziga bibiri gifite moteri, ukuyemo za velomoteri;

16. Amagambo "ikinyamitende itatu n'ikinyamitende ine bifite moteri" bivuga ibinyabiziga by'ibiziga bitatu cyangwa bine bitarengeje uburemere bw'ibiro 400, kandi moteri ikaba itarengeje santimetero kibe 350 cyangwa imbaraga zayo zikaba zitarengeje KvA 15.

Gushyira intebe ku ruhande cyangwa romoruki inyuma y'ibinyabiziga byavuzwe ku bika 13, 14, 15 na 16 ntacyo bihindura ku rwego birimo.

the persons on that vehicle, especially by means of pedals or handles;

14. a) The term “bicycle” designates a cycle with two wheels;

b) The term “moped” designates any vehicle which has a maximum of two wheels and which is provided with a cubic capacity engine not exceeding 50 cm^3 or an engine rating not exceeding 4 KVA and of which speed can not, by design, exceed 60 km per hour.

The bicycle and the moped when not mounted are not considered as vehicles.

15. The term “motorcycle” designates any two wheel vehicle provided with a propelling engine excluding mopeds.

16. The terms “motor tricycle” and “motor quadricycle” respectively designate three or four wheel vehicles the tare of which does not exceed 400 kilos and provided with an engine not exceeding 350 cm^3 cubic capacity or not exceeding a 15 KVA engine rating.

Adding a sidecar or a trailer to vehicles specified in paragraphs 13, 14, 15, and 16 here-above does not modify the classification of the said vehicles;

l'énergie musculaire des personnes se trouvant sur ce véhicule, notamment à l'aide de pédales ou de manivelles;

14. a) Le terme "bicyclette" désigne un cycle à deux roues;

b) Le terme "cyclomoteur" désigne tout véhicule qui a deux roues au maximum et qui est pourvu d'un moteur d'une cylindrée ne dépassant pas 5O cm^3 ou d'une puissance ne dépassant pas 4 KvA et dont la vitesse ne peut, par construction, excéder 6O kilomètres à l'heure.

La bicyclette et le cyclomoteur non montés ne sont pas considérés comme des véhicules.

15. Le terme "motocyclette" désigne tout véhicule à deux roues pourvu d'un moteur de propulsion, à l'exclusion des cyclomoteurs;

16. Le terme "tricycle à moteur" et "quadricycle à moteur" désignent, respectivement, les véhicules à trois et quatre roues dont la tare ne dépasse pas 4OO kilos et pourvus d'un moteur d'une cylindrée n'excédant pas 35O cm^3 ou d'une puissance n'excédant pas 15KvA.

L'adjonction d'un sidecar ou d'une remorque aux véhicules définis aux alinéas 13, 14, 15 et 16 ci-dessus ne modifie pas la classification desdits

17. Ijambo "ikinyabiziga kigendeshwa na moteri" bivuga ikinyabiziga cyose gifite moteri ikigendesha kandi kigendeshwa n'ibikigize;

18. Ijambo "imodoka" bivuga ikinyabiziga cyose kigendeshwa na moteri, uretse za velomoteri, ipikipiki, ibinyamitende itatu cyangwa ine bifite moteri, n'imashini zikurura n'izindi zihinga zifite moteri zikaba kandi ku busanzwe zitwara mu nzira nyabagendwa abantu cyangwa ibintu cyangwa se zigenewe gukurura ibindi binyabiziga bitwara abantu cyangwa ibintu;

19. Ijambo "romoruki" bivuga ikinyabiziga kigenewe gukururwa n'ikindi; iryo jambo rikoreshwa kandi kuri za makuzungu;

20. Ijambo "makuzungu" bivuga romoruki iyo ariyo yose yagenewe gufatishwa ku kinyabiziga gikurura ku buryo igice cyayo kiba kikiryamyeho kandi igice cy'uburemere bwacyo ndetse n'ubw'ibyo itwaye bukaba bushikamiye icyo kinyabiziga;

21. Ijambo "romoruki ntoya" bivuga romoruki iyo ariyo yose ifite uburemere butarenga ibiro 750.

22. Amagambo "ibinyabiziga bikomatanye" n' "ibinyabiziga bikururana" bivuga ibinyabiziga

17. The term "Automotive vehicle" designates any vehicle provided with a propulsion engine and moving by its own means.

18. The term "automobile vehicle" designates any automotive vehicle other than motorcycles, scooters, motortricycles, motor quadricycles and other agriculture automotive machines and usually serving on the public highway for the transport of persons or things or to the haulage, on the public highway of vehicles used for the transport of persons and things;

19. The term "trailer" designates any vehicle destined to be hitched up to another vehicle, that term covers the semi-trailers;

20. The term " Semitrailer" designates any trailer destined to be coupled to a hauler vehicle on which part of the pulled vehicle rests and a noticeable part of its weight and of the weight of its load is held up by the said hauler vehicle;

21. The term " light trailer" designates any trailer of which authorized maximum weight does not exceed 750 kg;

22. The terms "set of vehicles" and "train of vehicles" designate coupled vehicles which

véhicules.

17. Le terme "véhicule automoteur" désigne tout véhicule pourvu d'un moteur de propulsion et circulant par ses propres moyens;

18. Le terme "véhicule automobile" désigne tout véhicule automoteur autre que les cyclomoteurs, les motocyclettes, les tricycles à moteur, les quadricycles à moteur et les tracteurs et autres machines agricoles automotrices, et servant normalement au transport sur la voie publique, de personnes ou de choses, ou à la traction, sur la voie publique de véhicules utilisés pour le transport de personnes ou de choses;

19. Le terme "remorque" désigne tout véhicule destiné à être attelé à un autre véhicule, ce terme englobe les semi-remorques.

20. Le terme "semi-remorque" désigne toute remorque destinée à être couplée à un véhicule tracteur de telle manière qu'elle repose en partie sur celui-ci et qu'une partie appréciable de son poids et du poids de son chargement soit supportée par ledit véhicule tracteur;

21. Le terme "remorque légère" désigne toute remorque dont le poids maximum autorisé n'excède pas 750 kg;

22. Les termes "ensemble de véhicules" et "train de véhicules" désignent des

bifatanye bikagenda nk'aho ari kimwe;

23. Ijambo "ikinyabiziga gifatanije" bivuga ikinyabiziga gikomatanye, kimwe ari ikinyabiziga gikurura, ikindi ari makuzungu ;

24. Ijambo "ikinyabiziga gikururana kabiri" bivuga ibinyabiziga bikomatanye bikururana bigizwe n'ikinyabiziga gifatanije kandi kiriho romoruki yacyo;

25. Amagambo "uburemere bwite" n'"uburemere bw'ikidapakiye", bivuga uburemere bw'ikinyabiziga kizima gifite karosori n'ibikoresho byacyo ngombwa kandi cyuzuye lisansi, mazutu cyangwa gazi, amazi n'amavuta, ariko hatabariwemo abagitwaye, abantu cyangwa imizigo cyikoreye;

26. Ijambo "uburemere bwikorewe" bivuga uburemere bwite bw'ikinyabiziga kizima hongereweho uburemere bw'imizigo cyikoreye, ubw'ugitwaye n'ubw'undi muntu wese gitwaye;

27. Ijambo "uburemere ntarengwa bwemewe " bivuga uburemere bwose ntarengwa bw'ikinyabiziga bwemejwe hakurikijwe ibivugwa muri iri teka, uburemere ntarengwa bwemewe bw'ibinyabiziga bikomatanye, bw'ikinyabiziga gifatanije cyangwa bw'ikinyabiziga gikurana kabiri, bwitwa "uburemere bugendanwa";

28. Ijambo"guhagarara umwanya muto" bivuga igihe cya ngombwa ikinyabiziga kimara gihagaze kugirango abantu cyangwa ibintu

participate to the traffic as one entity;

23. The term “articulated vehicle” designates a set of vehicles composed of one hauler vehicle and one semi-trailer;

24. The term “double train” designates a set or line of vehicles composed of an articulated vehicle and a semitrailer;

25. The term “ tare” and “unladen weight” designate the weight of a vehicle in working order, with its body and full of fuel, water and lubricants, but without crew or passengers or goods transported;

26. The term “ Load weight” designates the tare plus the weight of the load and of any other person transported;

27. The term “ maximum authorised weight” designates the maximum total weight of a vehicle, declared admissible in conformity with the provisions of this Decree, while the authorised maximum weight of a set of vehicles, of an articulated vehicle or of a double train is called “ total moving weight”;

28. The term “ Stop” designates the immobilization of a vehicle during the time necessary for embarkation are disembarkation

véhicules couplés qui participent à la circulation comme une unité;

23. Le terme "véhicule articulé” désigne l'ensemble de véhicules composé d'un véhicule tracteur et d'une semi-remorque;

24. Le terme "train double" désigne un ensemble ou un train de véhicules composé d'un véhicule articulé et d'une remorque;

25. Les termes "tare" et "poids à vide" désignent le poids d'un véhicule en ordre de marche, avec carrosserie et plein de combustible, d'eau et de lubrifiant, mais non compris l'équipage ni les personnes ou les marchandises transportées;

26. Le terme "poids en charge" désigne la tare plus le poids du chargement et de toute autre personne transportée;

27. Le terme "poids maximum autorisé" désigne le poids total maximum d'un véhicule, déclaré admissible conformément aux dispositions du présent arrêté; le poids maximum autorisé d'un ensemble de véhicules d'un véhicule articulé ou d'un train double est appelé "poids total roulant";

28. Le terme "arrêt" désigne l'immobilisation d'un véhicule pendant le temps nécessaire à l'embarquement ou au débarquement de

byinjire cyangwa bisohoke;

29. Ijambo "guhagarara umwanya munini" bivuga igihe kirenze icya ngombwa ikinyabiziga kimara gihagaze kugira ngo abantu cyangwa ibintu byinjire cyangwa bisohoke;

30. Ijambo "akagarura-rumuri" bivuga akantu karabagirana gasubiza imirasire y'urumuri ku kintu kiyohereje;

31. Ijambo "ikinyabiziga - ndakumirwa" ni ibinyabiziga by'abapolisi, ibizimya-nkongi ndetse n'ibinyabiziga bitwara abarwayi, iyo bijya aho bigomba gutabara byihutirwa kandi bikarangwa n'intabaza irabagirana cyangwa irangurura ijwi;

32. Ijambo "Amatara y'urugendo" (amatara maremare) bivuga amatara y'ikinyabiziga amurika umuhanda mu ntambwe ndende imbere y'icyo kinyabiziga;

33. Ijambo" Amatara yo kubisikana" (amatara magufi) bivuga amatara y'ikinyabiziga amurika inzira nyabagendwa imbere y'icyo kinyabiziga kitagombye guhuma cyangwa kubangamira abayobozi bava mu cyerekezo.

34. Ijambo "amatara ndangambere" bivuga amatara y'ikinyabiziga akiranga kandi agaragaza ubugari bwacyo burebewe imbere.

of persons or goods;

29. The term "Parking" designates the immobilization of a vehicle during a length of time superior to the time necessary for the embarkation or disembarkation of persons or things;

30. The term "reflector" designates a reflecting device sending back to their source luminous rays that hit it;

31. The term "priority vehicle" designates national police and fire brigade and ambulances when these vehicles go to places where their urgent intervention is required and their approach is signalled by special warning signals, luminous and/or acoustic;

32. The term "Headlights on full beam" designate vehicle's lights used to light the road on a long distance in front of that vehicle;

33. The term" Headlights" designates the vehicle's lights used to light the public highway in front of that vehicle without dazzling or unduly bothering drivers coming from the opposite direction or other users of the road;

34. The term "Front sidelights " designates the vehicle's lights indicating the presence and width of that vehicle when seen from the front;

personnes ou de choses;

29. Le terme "stationnement" désigne l'immobilisation d'un véhicule pendant une durée supérieure au temps nécessaire à l'embarquement ou au débarquement de personnes ou de choses;

30. Le terme "catadioptre" désigne un dispositif réflecteur renvoyant vers leur source les rayons lumineux qui le frappent;

31. Le terme "véhicule prioritaire" désigne les véhicules de police, et de lutte contre l'incendie ainsi que les ambulances, lorsque ces véhicules se rendent sur les lieux où leur intervention urgente est nécessaire et que leur approche est signalée par des avertissements spéciaux, lumineux et /ou sonores;

32. Le terme "feux de route" désigne les feux du véhicule servant à éclairer la route sur une grande distance en avant de ce véhicule;

33. Le terme "feux de croisement" désigne les feux du véhicule servant à éclairer la voie publique en avant de ce véhicule sans éblouir ni gêner indûment les conducteurs venant en sens inverse ni les autres usagers de la route;

34. Le terme "feux de position avant "désigne les feux du véhicule servant à indiquer la présence et la largeur de ce véhicule vu de l'avant;

35. Ijambo "amatara ndanganyuma" bivuga amatara y'ikinyabiziga akiranga kandi yerekana ubugari bwacyo burebewe inyuma;

36. Ijambo "amatara kamena-bihu y'imbere" bivuga amatara y'ikinyabiziga abonesha neza inzira imbere yacyo igihe cy'igihu, cy'imvura nyinshi, cy'urubura cyangwa cy'umukungugu.

37. Ijambo "amatara kamena-bihu y'inyuma" bivuga amatara y'ikinyabiziga akiranga kandi yerekana ubugari bwacyo kirebewe inyuma igihe cy'igihu, cy'imvura nyinshi, cy'urubura cyangwa cy'umukungugu mwinshi;

38. Ijambo "amatara yo gusubira inyuma" bivuga amatara y'ikinyabiziga agenewe kubonesha inzira inyuma y'ikinyabiziga no kumenyesha abandi bagenzi ko ikinyabiziga gisubira inyuma cyangwa kigiye gusubira inyuma;

39. Ijambo "itara ndanga-cyerekezo" cyangwa ikinyoteri" bivuga itara ry'ikinyabiziga rigenewe kwereka abandi bagenzi ko umuyobozi ashaka kugana iburyo cyangwa ibumoso;

40. Amagambo "itara rishakisha" n' "itara rihindukizwa" bivuga, itara ry'ikinyabiziga gishobora guhindukizwa n'umuyobozi bidatewe n'uko ikinyabiziga kigenda kandi rishobora kumurika ikintu kiri mu nzira nyabagendwa cyangwa hirya yayo;

35. The term "Back sidelights" designates the vehicle's lights indicating the presence and the width of that vehicle when seen from the back;

36. The term " front foglights" designates the vehicle's lights used to improve the lightening of the way in front of the car when there is fog, heavy rain, hail, or dust clouds;

37. The term "Back foglights" designates the vehicle's lights used to indicate the presence or the width of the vehicle when seen from the back in fog, heavy rain, hail, or dust clouds;

38. The term " reversing lights" designates the vehicle lights used to light the way at the back of the vehicle and to warn other users of the public highway that the vehicle reverses or is on the verge of reversing;

39. The term "indicator lights" designates the vehicle's lights used to show to other users of the public highway that the driver has the intention to turn to the right or to the left;

40. The terms "searching light" and "adjustable light" designate the vehicle's light which can be oriented by the driver of the car independently of the movements of the vehicle and able to serve to the lighting of a target situated either on the public highway,

35. Le terme "feux de position arrière" désigne les feux du véhicule servant à indiquer la présence et la largeur de ce véhicule vu de l'arrière;

36. Le terme "feux de brouillard avant" désigne les feux du véhicule servant à améliorer l'éclairage de la voie en avant du véhicule en cas de brouillard, de forte pluie, de grêle, ou de nuage de poussière;

37. Le terme "feux de brouillard arrière" désigne les feux du véhicule servant à indiquer la présence ou la largeur de ce véhicule vu de l'arrière en cas de brouillard, de forte pluie, de grêle, ou de nuage de poussière;

38. Le terme "feux de marche arrière" désigne les feux du véhicule servant à éclairer la voie à l'arrière du véhicule et à avertir les autres usagers de la voie publique que le véhicule fait marche arrière ou est sur le point de faire marche arrière;

39. Le terme "feu indicateur de direction" désigne le feu du véhicule servant à indiquer aux autres usagers de la voie publique que le conducteur a l'intention de changer de direction vers la droite ou vers la gauche;

40. Les termes "feu chercheur" et "feu orientable" désignent le feu du véhicule pouvant être orienté par le conducteur du véhicule indépendamment des mouvements du véhicule et pouvant servir à éclairer un objectif situé soit sur la voie

41. Amagambo "itara ndangamubyimba" n' "itara ndangaburumbarare" bivuga itara ry'ikinyabiziga ryerekana ubugari bwacyo, ahagana imbere cyangwa inyuma igihe uburebure bwacyo burenga metero 6 cyangwa iyo ubugari bwacyo, habariwemo ibyo cyikoreye, burenga metero 2,10

42. Ijambo "ubuso bubonesha" bivuga ku byerekeye amatara, ubuso busohokana urumuri, naho ku byerekeye utugarura rumuri bikavuga ubuso burabagiranamo urumuri.

43. Ijambo "itara ry'umuhondo" bivuga itara ryose ry'umuhondo wiganje, ry'umuhondo nyawo cyangwa usa n'icunga hakurikijwe ibisobanuro bivugwa mu ngereka ya 7 y'iri teka.

UMUTWE WA III: ABAKOZI BABIFITIYE UBUBASHA

Ingingo ya 3 :

Bitabujije ububasha abagenza-cyaha bahawe n'amategeko y'umwihariko, abashinzwe cyane cyane kubahiriza iri teka ni:

1. Ba ofisiye na ba suzofisiye bo muri Polisi y'igihugu igihe bari mu kazi;
2. Ba kaporari n'abapolisi bo muri Polisi y'Igihugu igihe bari mu kazi, babitumwe na Prokireri wa Repubulika wo muri iyo fasi;

or outside of it;

41. The terms "size light" and « gauge light » designate the vehicle's light which serves to indicate towards the front or towards the back, the overall width of the vehicle when its length exceeds 6 m or that its width, load included, exceeds 2.10 metres;

42. The term "Light beam" designates for lights, the emitted light exit's apparent surface and, for the reflectors, the reflecting visible surface;

43. The term "Yellow light" designates any selective yellow or real yellow or amber the definition of which appears in Annex 7 of this Decree;

CHAPTER III: QUALIFIED AGENTS

Article 3:

Without prejudice to powers attributed to judiciary police officers by particular texts, are especially responsible for implementing this decree:

1. National Police officers and non commissioned officers on duty;
2. National Police corporals on duty and duly mandated by the Public Prosecutor of the area;

publique, soit en dehors de celle-ci;

41. Les termes "feu de gabarit" et "feu d'encombrement" désignent le feu du véhicule servant à indiquer, vers l'avant ou vers l'arrière, la largeur hors tout du véhicule lorsque la longueur de celui-ci excède 6 mètres ou que sa largeur, chargement compris, excède 2,10 mètres;

42. Le terme "plage éclairante" désigne, pour les feux, la surface apparente de sortie de la lumière émise, et, pour les catadioptres, la surface visible réfléchissante.

43. Le terme "feu jaune" désigne tout feu jaune sélectif ou jaune-auto ou orange dont la définition figure à l'annexe 7 du présent arrêté.

CHAPITRE III : AGENTS QUALIFIES

Article 3:

Sans préjudice des pouvoirs accordés aux officiers de police judiciaire par des textes particuliers, sont spécialement chargés de l'application du présent arrêté:

1. Les officiers et sous officiers de la Police Nationale en service;
2. Les caporaux et les agents de la Police Nationale en service, dûment mandatés par le procureur de la République du ressort;

3. Abapolisi bo mu mutwe ushinzwe uutekano mu muhanda;

4. Abakozi bo mu biro by'amateme n'imihanda, ku byerekeye ibivugwa mu ngingo ya 8 n'iya 9, iya 40, 60 kugeza kuya 68, iya 72 n'iya 73 iya 113 n'iya 114, iya 117 kugeza kuya 120 z'iri teka;

5. Abakozi ba gasutamo, ku byerekeye ibivugwa mu ngingo ya 132;

6. Abakozi bo mu biro by'imisoro, ku byerekeye ibivugwa mu ngingo ya 121 kugeza ku ya 135.

7. Abakozi b'ikigo cy'ubukerarugendo na pariki z'igihugu babiherewe uburenganzira na Minisitiri w'Ubutabera;

8. Ba ofisiye bashinzwe Polisi y'Ingabo igihe bayobora abasirikare bagenda ku mirongo;

9. Abakozi bo mu biro bya Minisiteri ishinzwe gutwara Abantu n'Ibintu mu mirimo yayo babiherewe uburenganzira na Minisitiri w'Ubutabera

Abakozi bavugwa muri iyi ngingo bafite ububasha bwo kugenza ibyaha byica iri teka batarengereye imirimo bashinzwe n'ifasi bakoramo.

3. Communal police sergeants;

4. The Civil Engineering Department agents, as far as Articles 8 and 9; 40; 60 to 68, 72 and 73; 113 and 114; 117 to 120 of this Decree are concerned;

5. The Customs Department agents as far as Article 132 is concerned;

6. The Income Tax Department agents as far as Articles 121 to 135 are concerned;

7. The Rwanda Tourist and National Parks Office agents when duly mandated by the Minister of Justice;

8. Military Police officers, when they direct movements of armed forces' columns;

9. The Ministry of Transport agents when duly mandated or authorized by the Ministry of Justice.

Agents designated by this Article are qualified for the record of offences against this Decree within the limits of their mandates and jurisdiction.

3. Les agents de Police de l'Unité de la Sécurité Routière;

4. Les agents du service des ponts et chaussées, en ce qui concerne les articles 8 et 9; 40; 60 à 68; 72 et 73; 113 et 114; 117 à 120 du présent arrêté;

5. Les agents du service des douanes, en ce qui concerne l'article 132;

6. Les agents du service des impôts, en ce qui concerne les articles 121 à 135;

7. Les agents de l'office rwandais du tourisme et des parcs nationaux dûment mandatés par le Ministre de la Justice;

8. Les officiers de la police militaire, lorsqu'ils règlent les mouvements des colonnes des forces armées.

9. Les agents du Ministère ayant les transports dans ses attributions dûment mandatés ou habilités par le Ministère de la Justice;

Les agents désignés par le présent article sont qualifiés pour constater les infractions au présent arrêté dans les limites de leurs attributions et de leur ressort.

UMUTWE WA IV: IMPANUKA.

Ingingo ya 4 :

Bitabangamiye ibiteganywa n'amategeko ahana, umugenzi wese uguweho n'impanuka agomba:

1°. Guhita ahagarara igihe bimushobokeye kandi atagombye kubangamira bundi bushya uburyo bwo kugenda mu muhanda cyangwa kwiteza ibyago ubwe;

2°. Gukora uko ashoboye kwose kugirango uburyo bwo kugenda mu muhanda bw'aho impanuka yabereye bwoye guhungabana ashyira ibimenyetso ahashobora kubyara inkomyi, nko gukoresha ikimenyetso n°A,29, kwakiriza icyarimwe amatara yose ndangacyerekezo y'ikinyabiziga, cyangwa kuhatereka itara rimyatsa, ry'umuhondo cyangwa risa n'icunga;

3°. Iyo umuntu yapfiriye mu mpanuka cyangwa yakomerekeyemo bikabije kandi bikaba bidahungabanya uburyo bwo kugenda mu muhanda, kwirinda guhindura uko ibintu bimeze, gusibanganya ibimenyetso bishobora kugaragaza abari mu makosa, no kubimenyesha cyangwa gutumaho abubahiriza amahoro bari hafi aho;

4°. Iyo abandi Bantu bahuye n'iyo mpanuka babimusabye, kubabwira umwirondoro we;

5°. Iyo umuntu yapfiriye muri iyo mpanuka cyangwa yakomerekeyemo bikabije, ariko

CHAPTER IV: ACCIDENTS

Article 4:

Without prejudice to the application of the penal code, any user implied in an accident must:

1. Stop as soon as possible without creating any additional danger for the traffic or risk for himself;
2. Endeavour to ensure traffic security at the place of the accident by signalling possible obstacles especially by using signal n°A,29 or by putting on simultaneously all the vehicle's indicators lights, or by placing a portable yellow or amber warning light;
3. Where a person was killed or seriously injured in the accident and insofar as this does not affect traffic security; avoid tampering with the scene of the accident and disappearance of marks which may serve in allotting responsibilities and must inform or have the nearest police authority informed;
4. When other persons involved in the accident ask for his identity, communicate it to them;
5. When a person has been killed or seriously injured in the accident and insofar as this does

CHAPITRE IV : ACCIDENTS

Article 4:

Sans préjudice de l'application du code pénal, tout usager qui est impliqué dans un accident doit:

1. S'arrêter aussitôt que cela lui est possible sans créer un danger supplémentaire pour la circulation ni un risque pour lui-même;
2. S'efforcer d'assurer la sécurité de la circulation au lieu de l'accident en signalant les obstacles éventuels notamment en faisant usage du signal n° A, 29 ou en faisant fonctionner simultanément tous les indicateurs de direction du véhicule, ou en plaçant un feu portatif clignotant de couleur jaune ou orange;
3. Si une personne a été tuée ou grièvement blessée dans l'accident, et dans la mesure où cela n'affecte pas la sécurité de la circulation, éviter la modification de l'état des lieux et la disparition des traces qui peuvent être utiles pour établir les responsabilités, et avertir ou faire avertir l'autorité de police la plus proche;
4. Si d'autres personnes impliquées dans l'accident le lui demandent, leur communiquer son identité ;
5. Si une personne a été tuée ou grièvement blessée dans l'accident et pour autant que cela

akabona nta byago bishobora kumutera, kuguma aho impanuka yabereye cyangwa kuhagaruka kugez'igihe abubahiriza amahoro bahagereye, cyeretse iyo bamwemereye kuhava cyangwa iyo agomba gutabara abakomeretse cyangwa kujya kwivuza ubwe bwite;

6°. Iyo impanuka yangije ibintu gusa cyangwa hakaba hari abakomeretse byoroheje, kugana aho impanuka yabereye, kugirango, abyumvikanyeho n'uwo bagonganye, bagaragaze uko byagenze, cyangwa niba batabyumvikanyeho, afashe umukozi ubishinzwe kubyirebera.

Ariko rero, iyo umukozi ubifitiye ububasha adashobora cyangwa atashoboye kugera aho byabereye mu gihe kiringaniye, abahuye n'impanuka bashobora buri wese kubimureba, igihe bishoboka, kubimenyesha umutegetsi ushinzwe kubahiriza amahoro uri hafi cyangwa uri aho batuye.

Nk'uko iyi ngingo ibiteganya:

- "umuntu wakomeretse cyane" bivuga umuntu wagize ibikomere bishobora kumuviramo urupfu, kumushegesha wese, kumutesha igice cy'umubiri cyangwa wacitse urugingo.

- "igikomere cyoroheje" bivuga igikomere cyose umuntu asanga kitahungabanya ubuzima, kitamushegesha wese cyangwa kitatuma atakaza igice cy'umubiri cyangwa urugingo.

not create any risk for himself, stay or come back on the scene of the accident until the arrival of the police authority unless he has been authorized by them to leave the place or he must help the victims or be himself looking for medical care.

6. When the accident has provoked material damage only or light injuries, stay on the spot of the accident in order to make, in agreement with the other party, the necessary records, or in default of such an agreement, to allow a qualified agent to make the said records.

However, where no qualified agent can be or has been on the scene of the accident within reasonable time, the persons involved in the accident may, each one for his concern, report it as soon as possible either to the nearest police station or to that of their residence.

Following this article, it is to be understood:

- by " person seriously injured" a person whose injuries are likely to imply either death, a total incapacity or loss of a limb or an organ;

- by " light injury" any injury which, apparently does not threaten the life of the victim or make fear that it implies a total incapacity or the loss of a limb or an organ.

ne crée aucun risque pour sa propre personne, rester ou revenir sur le lieu de l'accident jusqu'à l'arrivée de l'autorité de police, à moins qu'il n'ait été autorisé par celle-ci à quitter les lieux ou qu'il ne doive porter secours aux blessés ou être lui-même soigné;

6. Si l'accident n'a provoqué que des dommages matériels ou des blessures superficielles, rester sur le lieu de l'accident aux fins de faire, d'accord avec l'autre partie, les constatations nécessaires, ou, à défaut d'un tel accord, de permettre à un agent qualifié de procéder aux dites constatations.

Toutefois, si aucun agent qualifié ne peut ou n'a pu être présent sur les lieux dans un délai raisonnable, les personnes impliquées dans l'accident peuvent, chacune en ce qui la concerne, en faire la déclaration dès que possible soit auprès de l'autorité de police la plus proche soit auprès de celle de leur résidence.

Au sens du présent article, il faut entendre:

- "par personne grièvement blessée"; une personne atteinte de blessures pouvant entraîner soit la mort, soit une incapacité totale, soit la perte d'un membre ou d'un organe;

- par "blessure superficielle" toute blessure qui, apparemment, ne met pas la vie de la victime en danger ni ne fait craindre qu'elle entraîne une incapacité totale ou la perte d'un membre ou d'un organe.

UMUTWE WA V: IBITEGEKWA - IBYAKWA-IBIMENYETSO

Ingingo ya 5 :

1. Umugenzi wese uri mu nzira nyabagendwa agomba guhita yumvira ibitegetswe n'abakozi babifitiye ububasha.

2. Ibitegekwa ni nk' ibi:

a) ukuboko kuzamuye, gutegeka abagenzi bose guhagarara keretse abageze mu isangano bagomba guhita bahava;

b) Ukuboko cyangwa amaboko atambitse ategeka guhagarara abaturuka mu byerekezo bisanganya icyerekezo cyerekanwa n'ukuboko cyangwa amaboko arambuye.

c) Kuzunguza intambike itara ritukura, bitegeka guhagarara abo iryo tara riganishaho.

3. Umugenzi wese ategetswe kugaragaza umwirondoro we igihe umukozi ubifitiye ububasha abimusabye bitewe n'ikosa akoze ryica iri teka, cyangwa habaye impanuka.

4. Umuyobozi w'ikinyabiziga gihagaze umwanya muto cyangwa munini ategetswe kugikuraho igihe abisabwe n' umukozi ubifitiye ububasha.

CHAPTER V : ORDERS- REQUISITIONS-SIGNALLING

Article 5:

1. Every user of the public highway must obey immediately orders of qualified agents.

2. Are particularly considered as orders:

a) the arm lift up vertically, imposing a halt to all passengers, save those engaged in a crossroad who must evacuate it;

b) the arm or arms stretched out horizontally imposing stoppage for users coming from all directions crossing the one shown by the stretched arm or arms;

c) The transversal swaying of a red light, imposing stoppage to users towards whom the light is directed;

3. Every user must give proof of his identity when he is asked for it by a qualified agent on the occasion of an offence against this Decree or on the occasion of an accident.

4. Every driver of a stationary or parked vehicle must move it as soon as a qualified agent orders him to do so.

CHAPITRE V : INJONCTIONS-REQUISITIONS-SIGNALISATION

Article 5 :

1. Tout usager de la voie publique doit obtempérer immédiatement aux injonctions des agents qualifiés.

2. Sont notamment considérés comme injonctions:

a) le bras levé verticalement, imposant l'arrêt pour tous les passagers, sauf pour ceux qui se trouvent engagés dans un carrefour, lesquels doivent évacuer celui-ci;

b) le ou les bras tendus horizontalement imposant l'arrêt pour les usagers qui viennent de directions coupant celle indiquée par le ou les bras tendus;

c) Le balancement transversal d'un feu rouge, imposant l'arrêt pour les usagers vers lesquels le feu est dirigé.

3. Tout usager est tenu de faire connaître son identité lorsqu'il en est requis par un agent qualifié à l'occasion d'une infraction au présent arrêté ou à l'occasion d'un accident.

4. Tout conducteur d'un véhicule à l'arrêt ou en stationnement est tenu de le déplacer dès qu'il en est requis par un agent qualifié.

5. Umugenzi wese agomba kubahiriza ibimenyetso byashyiriweho gutunganya uburyo bwo kugenda mu muhanda igihe cyose ibyo bimenyetso biteye uko byagenwe kandi bigaragara bihagije.

6. Ibitegekwa n'abakozi babifitiye ububasha birusha agaciro ibindi bimenyetso.

UMUTWE WA VI: URUHUSHYA RWO GUTWARA IBINYABIZIGA.

ICYICIRO CYA MBERE: Uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga rutangiwe mu Rwanda.

Ingingo ya 6 :

1. Ntawe ushobora gutwara ikinyabiziga kigendeshwa na moteri mu nzira nyabagendwa adafite kandi atitwaje uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga rwatanzwe na Polisi y'igihugu.

Uko uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga ruteye n'uko rutangwa, bigenwa n'Iteka rya Minisitiri ushinzwe Gutwara Abantu n'Ibintu abisabwe na Komité y'Igihugu ishinzwe umutekano mu mihanda;

Umuyobozi agomba kwerekana ako kanya uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga arubajijwe n'umukozi ubifitiye ububasha.

2. Uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga rwerekana urwego cyangwa inzego z'ibinyabiziga cyatangiwe.

5. Every user must conform to the signs made to control the traffic, once these signs are regular in shape and visible enough.

6. The orders of a qualified agent prevail over the sign posts.

CHAPTER VI: DRIVING LICENCE

FIRST SECTION: National driving licence

Article 6:

1. Nobody can drive, on the public highway, an automotive vehicle if he is not holding and carrying a driving licence issued by the National Police.

The model and modalities of the driving licence are fixed by a decree of the Minister holding Transport in his ambit on request of the Road Security National Committee.

The driver must immediately show such a licence when he is asked for it by a qualified agent.

2. The licence indicates the category (ies) of the vehicle for which it is valid.

5. Tout usager doit se conformer à la signalisation établie en vue de régler la circulation, dès que les signaux sont réguliers en la forme et suffisamment visibles.

6. Les injonctions des agents qualifiés prévalent sur la signalisation.

CHAPITRE VI : PERMIS DE CONDUIRE

SECTION 1ère : Permis de conduire national.

Article 6 :

1. Nul ne peut conduire, sur la voie publique, un véhicule automoteur s'il n'est titulaire et porteur d'un permis de conduire délivré par la Police Nationale.

Le modèle et les modalités de délivrance du permis de conduire sont déterminés par arrêté du Ministre ayant les transports dans ses attributions sur demande du Comité National de Sécurité Routière.

Le conducteur est tenu d'exhiber immédiatement ce permis lorsqu'il en est requis par un agent qualifié.

2. Le permis indique la ou les catégories de véhicules pour lesquelles il est valable.

Inzego z'ibinyabiziga zisabirwa uruhushya ni izi:

Urwego A : Amapikipiki n'ibinyamitende itatu bifite moteri biriho cyangwa bidafite intebe ku ruhande.

Urwego B: Imodoka zakorewe gutwara abantu kandi zifite imyanya munani ntarengwa yo kwicarwamo hatabariwemo uw'umuyobozi.

- Imodoka zagenewe gutwara ibintu kandi zifite uburemere ntarengwa bwemewe butarenga ibiro 5.000 (Toni 5).

- Ibinyamitende ine bifite moteri.

Ku binyabiziga byo muri urwo rwego bashobora gushyiraho romoruki ntoya ifite umutambiko umwe.

Urwego C: Imodoka zagenewe gutwara ibintu bifite uburemere ntarengwa bwemewe burenga ibiro 5.000.

Ku binyabiziga by'urwo rwego bashoboraga gushyiraho romoruki ntoya.

Urwego D: Imodoka zakorewe gutwara abantu kandi zifite imyanya irenga umunani yo kwicarwamo, hatabariwemo uw'umuyobozi.

Urwego E: Ibinyabiziga bikomatanye bifite

The types of vehicles for which it is necessary to get a licence are the following:

A. Motorcycles and motor tricycles with or without side-car;

B. Automobile vehicles built for the transport of persons and having in addition to the driver's seat, a maximum eight seats;

- Automobile vehicles affected to the transport of goods and having a 5.000 kgs authorized maximum weight.

- Motorquadricycles

To vehicles of this category may be coupled a light trailer with one axle.

C. Automobile vehicles affected to the transport of things and having an authorized maximum weight exceeding 5.000kgs.

To vehicles of this category can be coupled a light trailer.

D. Automobile vehicles built for the transport of persons and having in addition to the driver's seat, more than eight seats.

E. Line of vehicles the hauler of which is

Les catégories de véhicules pour lesquelles l'obtention d'un permis est exigée sont les suivantes:

a. Motocyclettes et tricycles à moteur, avec ou sans side-car.

b. Véhicules automobiles construits pour le transport de personnes et comportant, outre le siège du conducteur, huit places assises au maximum.

- Véhicules automobiles affectés au transport de marchandises et ayant un poids maximum autorisé de 5.000 kg.

- Quadricycles à moteur.

Aux véhicules de cette catégorie peut être attelée une remorque légère à un essieu.

c. Véhicules automobiles affectés au transport de choses et dont le poids maximum autorisé excède 5.000 kg.

Aux véhicules de cette catégorie peut être attelée une remorque légère.

d. Véhicules automobiles construits pour le transport de personnes et comportant outre le siège du conducteur, plus de huit places assises.

e. Ensemble de véhicules dont le tracteur rentre

ikinyabiziga gikurura kiri muri rumwe mu nzego B, C na D umuyobozi afitiye uruhushya kandi romoruki yabyo ikaba ifite uburemere ntarengwa bwemewe burenga ibiro 750.

Urwego F: Ibinyabiziga bidasanzwe (ibimashini bihinga, bikora imihanda biterura…)

3. Imodoka zigenda mu nzira nyabagendwa zitabarirwa muri rumwe mu nzego zimaze kuvugwa, nk'imashini z'ubuhinzi cyangwa z'inganda zibarirwa mu rwego B, nta kwita ku buremere bwazo.

4. Uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga rutangwa burundu abarusaba bamaze gutsinda ibizamini bikurikira kandi herekanywe icyemezo gitangwa na muganga wemewe akurikije ibivugwa mu gika cya 8 cy'iyi ngingo:

   a) ikizamini ku masomo cyerekana ko ubazwa azi bihagije amategeko y'umuhanda;

   b) Ikizamini cyerekana ko ubazwa azi gutwara ikinyabiziga cyo mu rwego asabira uruhushya rwo gutwara.

Ibizamini byerekeye amasomo no gutwara ibinyabiziga kugirango hatangwe uburenganzira bwo gutwara ibinyabiziga bikorwa mu buryo bwashyizweho na Minisiteri ishinzwe gutwara

included in one of the categories B,C,D for which the driver is habilitated and trailer of which has more than 750 kgs autorized maximum weight.

F. Special machines

3. The automobile vehicles circulating on the public highway which are not included in any of the categories specified here-above, such as agricutural or industrial mobile material, are classified whatever their weight, in category B.

1. Ibyapa byo ku mihanda bigizwe: n'ibyapa biburira, ibyo gutambuka mbere, ibimenyetso bibuza cyangwa bitegeka, n'ibyapa ndanga.

2. Ibyapa byo ku mihanda bigomba gushingwa ku ruhande rw'iburyo bw'umuhanda ku buryo umusozo wo hasi udashobora kuba munsi ya metero 1 na santimetero 50 cyangwa hejuru ya metero 2 na santimetero 10 uhereye ku butaka uretse ibyapa by'agateganyo.

3. Igisobanuro cy'icyapa gishobora kuzuzwa, gusiganurwa cyangwa kugenwa n'ibyapa by'inyongera bigizwe n'ibyapa

CHAPITER II: ROADSIGNS

Article 92:

1. Roadsigns include the danger and priority signs, the prohibition and obligation signs and the indication signs.

2. Roadsigns must be so placed on the right side of the road that the lower part of their border be not at less than 1.50 metre or over 2.10 metre above the ground, save provisional roadsigns.

3. The meaning of a roadsign may be completed, clarified or limited by additional roadsigns constituted of rectangular panels bearing

CHAPITRE II: SIGNAUX ROUTIERS

Article 92 :

1. Les signaux routiers comprennent: les signaux de danger et de priorité les signaux d'interdiction ou d'obligation et les signaux d'indication.

2. Les signaux routiers doivent être placés sur le côté droit de la route de façon que la partie inférieure de leur contour ne se trouve pas à moins de 1,50 mètre ni à plus de 2,10 mètres au-dessus du sol, à l'exception de signaux provisoires.

3. La signification d'un signal peut être complétée, précisée ou limitée par des panneaux additionnels constitués par des

by'urukiramende bifite ibigereranyo cyangwa inyandiko by'ibara ryirabura kiri ku buso bwera buzengurutswe n'umurongo wirabura cyangwa wera ku buso bw'ubururu kandi bigashyirwa munsi y'icyapa bicyegereye.

ICYICIRO CYA MBERE: Ibyapa biburira n'ibyo gutambuka mbere

Ingingo ya 93 :

1. Ibyapa biburira bibereyeho kumenyasha umugenzi ko hali icyago kandi bikerekana imiterere yacyo kandi bikamutegeka ubwitonzi budasanzwe kugira ngo imigenzereze ye ihure n'imiterere n'ububi bw'icyago cyerekanywe; naho ibyapa byo gutambuka mbere bibereyeho kumenyesha abagendera mu nzira nyabagendwa amategeko yihariye yo gutambuka mbere mu nkomane;ibyo byapa byose bishobora kugira ibyo bibuza.

2. Ibyapa biburira n'ibyapa byo gutambuka mbere bishushanyije ku mugereka wa mbere w'iri teka hamwe n'ibigereranyo byerekana imiterere y'icyago bimeze nka mpandeshatu ndinganire ifite ubuso bwera buzengurutswe n'ibara ritukura, uretse ibyapa n° A, 28, a,b, na C; A, 30; A, 31; B.2 a na b; B4; B5; B6 na B7 a na b.

Ingingo ya 94 :

1. Ibyapa biburira ibyago n'ibyapa byo gutambuka mbere bishyirwa iburyo

symbols or inscriptions of black colour on white bottom with a black enclose or of white colour on blue bottom, and placed immediately under the sign.

FIRST SECTION: <u>Roadsigns for danger and priority</u>

Article 93:

1. Danger roadsigns serve the purpose of warning the user on the existence of a danger and of indicating its nature and to impose to him a particular caution so as to adapt his behaviour to the nature and the seriousness of the danger signalled. Priority roadsigns serve the purpose of notifying to the public way users particular rules of priority at junctions, they may include prohibitions.

2. Danger roadsigns and priority roadsigns are reproduced in Annex I of this Decree, with the symbols indicating the nature of the danger. They have the form of an equilateral triangle, with white bottom bordered with red, except roadsigns n°A, 28, a,b, and c, A30; A31; B.2a and b; B.3 and B4, B5, B6, and B7 a and b.

Article 94:

1. Danger roadsigns and priority signs are placed to the right side of the direction followed by

panneaux rectangulaires portant des symboles ou des inscriptions de couleur noire sur le fond blanc avec un listel noir ou de couleur blanche sur fond bleu, et placés immédiatement en dessous du signal.

SECTION PREMIERE:Signaux de danger et de priorité

Article 93 :

1. Les signaux de danger ont pour objet d'avertir l'usager de l'existence d'un danger et d'en indiquer la nature et de lui imposer une prudence particulière en vue d'adapter son comportement à la nature et à la gravité du danger signalé et les signaux de priorité ont pour objet de notifier aux usagers de la voie publique des règles particulières de priorité à des intersections; ils peuvent comprendre des interdictions.

2. Les signaux de danger et les signaux de priorité sont reproduits à l'annexe I du présent arrêté, avec les symboles indiquant la nature du danger, ils ont la forme d'un triangle équilatéral à fond blanc bordé de rouge, à l'exception des signaux n°A, 28, a, b ; et c, A 30; A, 31, B,2 a et b; B3; B4; B5; B6 et B7 a et b.

Article 94 :

1. Les signaux de danger et les signaux de priorité sont placés à droite par rapport à la

hakurikijwe ibyerekezo abagenzi bireba baganamo bitewe n'imiterere y'aho hantu icyapa cya kabiri kimeze nk'icya mbere cyashyizwe iburyo gishobora gushyirwa ibumoso.

2. Ahatari mu nsisiro, ibyapa biburira n'ibyapa byo gutambuka mbere bigomba gushyirwa mu ntera kuva kuri metero 150 kugeza kuli 200 y'ahantu habi byerekana.

Iyo bitewe n'imiterere y'ahantu intera itandukanya icyapa n'ahantu habi iri munsi ya metero 150 ku buryo bugaragara,iyo ntera yerekanishwa icyapa cy'inyongera n° F,l.

3. Hanyuranyijwe n'ibivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo:

a) ibyapa n° A, 22, B1 na B2 bigomba gushyirwa hafi cyane hashobotse y'amasangano byerekana, buri cyapa gishobora kubanzirizwa n'ikindi nkacyo gishyizwe ku ntera irenzeho uhereye ku isangano kandi ikarangwa n'icyapa cy'inyongera n° F,1.

b) ibyapa n°A, 28 a, A, 28b, na A, 28c bigomba gushyirwa, kimwe muli metero 150 ikindi muli metero 100, ikindi muli metero 50, uhereye ku masangano y'inzira nyabagendwa n'umuhanda wa gari ya moshi.

c) Ibyapa n°B, 7a na B, 7b bigomba gushyirwa ku ruhande rw'iburyo bw'amasangano y'inzira nyabagendwa n'umuhanda wa gari ya moshi biranga.

users concerned but where the areas' dispositions justify it, a second roadsign, similar to that which is placed on the right, may be placed on the left side.

2. Outside the agglomerations, danger roadsigns and priority roadsigns must be placed at a distance of 150 to 200 metres from the dangerous areas they signal.

Where, because of the areas' layout, the distance which separates the signal from the dangerous area is less than 150 metres, that distance is shown by an additional signal n° F,1.

3. As exceptions to paragraph 2 of this Article:

a) Signals n°A,22, B1 and 2 must be placed at the nearest possible place to the junctions they signal; they may be repeated each by a similar signal placed at a greater distance from the junction, and shown by an additional signal n°F,1;

b) Signals n° A, 28a, A, 28 b, and A, 28c must be placed respectively at 150; 100 and 50 metres from the level crossing they signal;

c) Signals n° B, 7a and B, 7b must be placed on the right side of the level crossing they signal.

direction suivie par les usagers qu'ils concernent si la disposition des lieux le justifie, un second signal, identique à celui qui est placé à droite, peut être placé à gauche.

2. En dehors des agglomérations les signaux de danger et les signaux de priorité doivent être placés à une distance de 150 à 200 mètres des endroits dangereux qu'ils signalent.

Si, en raison de la disposition des lieux, la distance qui sépare le signal de l'endroit dangereux est sensiblement inférieure à 150 mètres, cette distance est indiquée par un signal additionnel n° F, l.

3. Par dérogation au paragraphe 2 du présent article:

a) les signaux n° A,22, B1 et B,2 doivent être placés le plus près possible des carrefours qu'ils signalent; ils peuvent être précédés chacun d'un signal identique placé à une distance plus grande du carrefour et indiquée par un signal additionnel n° F, l.

b) les signaux n° A,28a, A, 28b, et A, 28c doivent être placés respectivement à 150, 100 et 50 mètres du passage à niveau qu'ils signalent;

c) les signaux n° B,7a et B,7b doivent être placés du côté droit du passage à niveau qu'ils signalent.

4. Iyo ahantu icyago cyaranzwe kiri ari harehare, uburebure bw'igice cy'inzira nyabagendwa icyo cyago kirimo bushobora kwerekanwa n'icyapa cy'inyongera n° F, 2.

5. Mu nsisiro, ibyapa biburira bigomba gushyirwa iruhande neza y'ahantu habi.

Nyamara, ibyapa A, 6; A, 11 na A, 16 bigomba gushyirwa mu ntera iringaniye y'ahantu habi kandi iyo ntera igomba kwerekanwa n'icyapa cy'inyongera n° F,1.

6. Iyo icyapa kiburira gishinze aho inzira nyabagendwa irasukira, icyapa cy'inyongera kigizwe n'akarangakerekezo kirabura gashobora kwerekana icyerekezo cy'ahantu habi, iyo aho hantu hari kuri iyo nzira nyabagendwa.

Ingingo ya 95 :

Icyapa n° A,22 gishobora gushyirwa ku nzira nyabagendwa gusa iyo andi mayira yose arasukira mu masangano ariho icyapa n° B,1; B,2, a ; cyangwa B,2, b.

Ingingo ya 96 :

Icyago kiterekanywe n'ikigereranyo kiri mu mugereka wa mbere w'iri teka gishobora kurangwa n'icyapa cy'inyongera cyerekana icyo cyago , gishobora kandi kwerekanwa hakoreshejwe ikigereranyo kiboneye kitari mu

4. When the signalled danger stretches out over a certain distance, the length of the public way section concerned by that danger may be shown by an additional signal n° F,2.

5. In agglomerations, danger signals must be placed in the immediate vicinity of the dangerous areas.

However, signals n°A,6; A11 and A, 16 must be placed at a reasonable distance from the danger areas and distance must be shown by an additional signal n° F,1.

6. When a danger signal is straight above or below a public way opening, an additional signal constituted of an arrow of black colour may show the direction of the dangerous place if the latter is located on the mentioned public way.

Article 95:

Signal n° A, 22 may be placed on a public way only if all the other ways converging on the junction are provided with signal n° B, 1, B,2a or B,2b.

Article 96:

Any danger not defined by a symbol as mentioned in Annex 1 of this Decree may be signalled by an additional signal showing the nature of the danger, or be signalled by means of an appropriate symbol not mentioned in the above annex.

4. Lorsque le danger signalé s'étend sur une certaine distance, la longueur de la section de la voie publique concernée par ce danger peut être indiquée par un signal additionnel n° F,2.

5. Dans les agglomérations, les signaux de danger doivent être placés à proximité immédiate de l'endroit dangereux.

Toutefois, les signaux n° A, 6; A 11 et A, 16 doivent être placés à une distance raisonnable des endroits dangereux et cette distance doit être indiquée par un signal additionnel nº F, 1.

6. Si un signal de danger se trouve à l'aplomb d'un débouché de voie publique, un signal additionnel constitué par une flèche de couleur noire peut indiquer la direction de l'endroit dangereux si ce dernier est situé sur ladite voie publique.

Article 95 :

Le signal n° A, 22 ne peut être placé sur une voie publique que si toutes les autres voies aboutissant au carrefour sont pourvues du signal n° B,1, B,2, a ou B, 2, b.

Article 96 :

Un danger non défini par un symbole figurant à l'annexe 1 du présent arrêté peut être signalé par le signal additionnel indiquant la nature du danger, il peut être signalé au moyen d'un symbole approprié non figuré à l'annexe précité.

mugereka wavuzwe.

ICYICIRO CYA II: Ibyapa bibuza cyangwa bitegeka.

Ingingo ya 97 :

1. Ibyapa byereka abagenda ibyo babujijwe cyangwa bategetswe, bimeze nk'ingasire.

Iyo ngasire izengurutswe n'ibara ritukura kandi ubuso bukera iyo igihe icyapa kibuza, uretse ibyerekeye ibyapa bibuza guhagarara umwanya muto cyangwa munini bifite ubuso bw'ubururu.

Ingasire igira ibara ry'ubururu, iyo icyapa gitegeka.

2. Ibigereranyo bisiganura imiterere y'ikibuzwa cyangwa y'igitegekwa bishushanyijwe mu migereka ya 2 na 3 y'iri teka.

3. Ibyapa by'inyongera bishobora kumenyesha ubugerure cyangwa amarengamategeko rusange cyangwa ibibujijwe cyangwa ibitegetswe byihariye.

Ingingo ya 98 :

Ibyapa bibuza n'ibitegeka bikurikizwa gusa mu gice cy'inzira nyabagendwa kiri hagati y'aho bishinze n'inkomane ikurikiye ku ruhande rw'inzira bishinzeho.

Ingingo ya 99 :

SECTION II: Prohibition and obligation signals

Article 97:

1. Signals indicating to users an interdiction or an obligation have the form of a disc.

This disc is bordered with red with white bottom when signals mark a prohibition, except for the signals prohibiting to stop or to park, the bottom of which is blue.

The disc is of blue colour when the signal marks an obligation.

2. Symbols clarifying the nature of the prohibition or obligation are reproduced in Annexes 2 and 3 of this Decree.

3. Additional signals may notify general restrictions or exceptions or particular prohibitions or obligations.

Article 98:

Prohibition and obligation signals concern only that part of the public way comprised between the place where they are placed and the next junction, on the side of the way on which they are placed.

Article 99:

SECTION II: Signaux d'interdiction ou d'obligation.

Article 97 :

1. Les signaux indiquant aux usagers une interdiction ou une obligation ont la forme d'un disque.

Le disque est bordé de rouge et à fond blanc lorsque le signal marque une interdiction, sauf en ce qui concerne les signaux interdisant l'arrêt ou le stationnement, dont le fond est bleu.

Le disque est de couleur bleue lorsque le signal marque une obligation.

2. Les symboles précisant la nature de l'interdiction ou de l'obligation sont reproduits aux annexes 2 et 3 du présent arrêté.

3. Des signaux additionnels peuvent notifier des restrictions ou dérogations générales ou des interdictions ou obligations particulières.

Article 98 :

Les signaux d'interdiction et d'obligation n'ont d'effet que sur la partie de la voie publique comprise entre l'endroit où ils sont placés et la prochaine intersection, du côté de la voie sur lequel ils sont placés.

Article 99 :

1. Ibyapa bibuza bishyirwa iburyo hakurikijwe icyerekezo abagenzi bireba baganamo; bitewe n'imiterere y'aho hantu icyapa cya kabiri kimeze nk'icya mbere cyashyizwe iburyo, gishobora gushyirwa ibumoso.

2. Ibyapa n° C, 2Oa (guhagarara umwanya munini babisikana) na C,2Ob (guhagarara umwanya muto no guhagarara umwanya munini babisikana) bigomba gushyirwa kuri buri ruhande rw'inzira bigenewe, bikaba ari umubare uhagije kugirango bishobore kugaragara neza kuva ku cyapa kimwe kugeza ku kindi.

Nta na rimwe intera iri hagati y'ibyapa bibiri byavuzwe ishobora kurenga metero 100.

Ingingo ya 100 :

Hanyuranyijwe n'ibivugwa mu ngingo ya 98, ibibujijwe biri ku byapa n° C,18 (kubuza guhagarara umwanya munini) na n° C,19 (kubuza guhagarara umwanya muto no guhagarara umwanya munini) bishobora kugarukira mu ntera iri hagati y'ibyapa bibiri bivuzwe haruguru byuzuzwa n'ibyapa by'inyongera bibiri: kimwe ni akarangacyerekezo k'umukara gahagaze gafite isonga ireba hejuru, ikindi ni akarangacyerekezo k'umukara gafite isonga ireba hasi.

Ingingo ya 101 :

Iyo ibibuzwa byinshi byubahirizwa ahantu hamwe, ibigereranyo bibyerekeye bishobora gushyirwa hamwe ku ngasire imwe.

Nyamara umubare w'ibigereranyo biteraniye ku

1. Prohibition signals are placed on the right side of the direction followed by the concerned users, where the areas' layout justify it, a second signal, similar to that which is placed on the right, may be placed on the left side.

2. Signals n° C,20 a (alternating parking) and n° C,20 b (alternating stop and parking) must be placed on each of the way sides they concern, in sufficient number to be perfectly visible from one signal to the other.

In any case, distance between two of the above mentioned signals cannot exceed 100 metres.

Article 100:

By exception to provisions of Article 98, prohibitions prescribed by signal n° C, 18 (parking prohibition) and n° C, 19 (Stop and parking prohibition) can be limited to a stretch comprised between two of the mentioned signals completed by additional roadsigns constituted of one by a vertical black arrow the tip of which is directed upwards and the other by a similar black arrow downwards.

Article 101:

Where several prohibitions are applicable at the same place, their symbols can be grouped on the same disc.

However, the number of grouped symbols on the

1. Les signaux d'interdiction sont placés à droite par rapport à la direction suivie par les usagers qu'ils concernent; si la disposition des lieux le justifie, un second signal, identique à celui qui est placé à droite, peut être placé à gauche.
2. Les signaux n° C, 20 a (stationnement alternatif) et n° C,2Ob (arrêt et stationnement alternatifs) doivent être placés sur chacun des côtés de la voie qu'ils concernent, en nombre suffisant pour être parfaitement visibles d'un signal à l'autre.

En aucun cas, la distance entre deux des signaux précités ne peut dépasser 100 mètres.

Article 100 :

Par dérogation aux dispositions de l'article 98, les interdictions prescrites par les signaux n° C, 18 (interdiction de stationner) et n° C, 19 (interdiction d'arrêter et de stationner) peuvent être limitées à une étendue comprise entre deux des signaux précités complétés par des panneaux additionnels constitués l'un par une flèche verticale noire dont la pointe est orientée vers le haut, l'autre par une flèche verticale noire dont la pointe est orientée vers le bas.

Article 101 :

Lorsque plusieurs interdictions sont applicables au même endroit, les symboles y relatifs peuvent être groupés sur le même disque.

Toutefois, le nombre de symboles groupés sur un

ngasire imwe ntushobora kurenga bitatu.

Ingingo ya 102 :

Ibyapa bitegeka bishyirwa ahantu birushijeho kubonwa neza n'abo bigenewe.

ICYICIRO CYA III: Ibyapa biyobora.

Ingingo ya 103 :

I. Ibyapa biyobora bigamije kuyobora no gusobanurira abagenzi b'inzira nyabagendwa bishushanyije mu ngereka ya 4 y'iri teka.

2. Ibyapa biyobora bishyirwa ahantu haboneye kurushaho hakurikijwe uko icyo byerekana kimeze.

UMUTWE WA III: IBIMENYETSO BIMURIKA

ICYICIRO CYA I: Ibimenyetso bimurika byerekana uko bagenda mu muhanda.

Ingingo ya 104 :

1. Amatara y'ibimenyetso bimurika mu buryo bw'amatara atatu asobanuye atya:

a) itara ritukura rivuga: birabujijwe kurenga icyo kimenyetso;

b) itara ry'umuhondo: birabujijwe gutambuka umurongo wo guhagarara umwanya muto, cyangwa igihe uwo murongo werekana udahari icyo kimenyetso ubwacyo, keretse igihe ryatse

same disc cannot be more than three.

Article 102:

Obligation signals are placed where their visibility is best ensured for the user they concern.

SECTION III: Indication signals.

Article 103:

1. Indication signals are meant to guide and to inform the public way users; they are shown in Annex 4 of this Decree.

2. These signals are placed at the most appropriate places in view of the information they provide.

CHAPTER III: TRAFFIC LIGHTS

SECTION I: Traffic lights

Article 104:

1. The three coloured traffic lights have the following meaning:

a) The red light means: prohibition to move beyond the signal;

b) The yellow light means: prohibition to move beyond the stop line or, in default of any stop line, the signal itself, unless that at the shifting move the driver is so close to the light that he

même disque ne peut être supérieur à trois.

Article 102 :

Les signaux d'obligation sont placés à l'endroit où leur visibilité est le mieux assurée pour les usagers qu'ils concernent.

SECTION III: Signaux d'indication.

Article 103 :

I. Les signaux d'indication ont pour objet de guider et de renseigner les usagers de la voie publique; ils figurent à l'annexe 4 du présent arrêté.

2. Les signaux sont placés aux endroits les plus appropriés eu égard à la nature de l'indication qu'ils fournissent.

CHAPITRE III: SIGNAUX LUMINEUX

SECTION I: Signaux lumineux de circulation

Article 104 :

1. Les feux de signaux lumineux du système tricolore ont la signification suivante:

a) le feu rouge signifie: interdiction de franchir le signal;

b) le feu jaune signifie: interdiction de franchir la ligne d'arrêt ou, à défaut de ligne d'arrêt, le signal même, à moins qu'au moment où il s'allume le conducteur ne s'en trouve si près qu'il ne puisse

umuyobozi akiri hafi cyane ku buryo yaba atagishobora guhagarara mu buryo butamuteza ibyago; nyamara iyo ikimenyetso kiri mu masangangano umuyobozi arenze umurongo wo guhagarara cyangwa ikimenyetso muri ubwo buryo, ashobora kwambukiranya amasangano gusa ari uko atateza abandi ibyago;

c) itara ry'icyatsi rivuga: uburenganzira bwo kurenga icyo kimenyetso.

2. Itara ritukura, itara ry'umuhondo ritamyatsa n'iry'icyatsi kibisi, ashobora gusimburwa uko akurikirana na kamwe cyangwa uturangacyerekezo tw'ibara ritukura, iry'umuhondo cyangwa icyatsi kibisi.

   Utwo turangacyerekezo dusobanura kimwe n'amatara ariko icyo tubuza cyangwa icyo dutangira uburenganzira kigarukira ku byerekezo byerekanwa n'utwo turangacyerekezo.

3. Iyo itara rimwe cyangwa menshi y'inyongera agaragazwa n'akarangacyerekezo kamwe cyangwa twinshi ducaniwe rimwe n'itara ritukura cyangwa ry'umuhondo, uturangacyerekezo tuvuga uburenganzira bwo gukomeza urugendo gusa mu byerekezo byerekanwa n'utwo turangacyerekezo upfa kureka abandi bayobozi bakurikije amategeko kimwe n'abanyamaguru bagahita.

4. Iyo mu itara harimo ishusho y'umunyamaguru imuritswe cyangwa y'igare ibyo bireba gusa abanyamaguru cyangwa abayobozi b'amagare n'aba velomoteri y'imitende ibiri.

can no more stop with enough security conditions; anyway, where the signal is found at crossroads, the driver who has passed the stop line or the signal in such circumstances can only get out of the crossroads if he does not constitute a danger for other users;

c) The green light means: authorization to pass the signal.

2. The red, the fixed yellow and the green lights may be replaced respectively by one or more red, yellow or green coloured arrows.

These arrows bear the same meaning as the lights but the prohibition or authorization they indicate is limited to directions designated by the respective arrows.

3. When one or more additional lights in the form of one or more green arrows are lit jointly with the red or the yellow light, the arrows mean: authorization to continue the move only in the direction indicated by the arrow, on condition of giving way to drivers regularly moving from other directions and to pedestrians.

4. When a light shows the lit figure of a pedestrian or bicycle, it only concerns pedestrians or two wheeled cycles and mobylettes' drivers.

plus s'arrêter dans des conditions de sécurité suffisante; toutefois, si le signal est placé à un carrefour, le conducteur qui a franchi la ligne d'arrêt ou le signal dans de telles circonstances ne peut traverser le carrefour qu'à la condition de ne pas mettre en danger les autres usagers;

c) le feu vert signifie: autorisation de franchir le signal.

2. Le feu rouge, le feu jaune fixe et le feu vert peuvent être remplacés respectivement par une ou des flèches de couleur rouge, jaune ou verte.

   Ces flèches ont la même signification que les feux mais l'interdiction ou l'autorisation qu'elles indiquent est limitée aux directions désignées par les flèches.

3. Lorsqu'un ou plusieurs feux supplémentaires sous la forme d'une ou plusieurs flèches vertes sont allumés conjointement avec le feu rouge ou le feu jaune, les flèches signifient: autorisation de poursuivre la marche uniquement dans les directions indiquées par les flèches, à condition de céder le passage aux conducteurs débouchant régulièrement d'autres directions et aux piétons

4. Lorsqu'un feu présente la silhouette éclairée d'un piéton ou d'une bicyclette, il ne concerne que les piétons ou les conducteurs de bicyclettes et de cyclomoteurs à deux roues.

5. Amatara atukura n'ay'icyatsi kibisi y'ibimenyetso bimulika by'amabara abiri bisobanura kimwe n'amatara ahuje n'ayaka ku buryo butatu.

   Iyo yakiye rimwe asobanura kimwe n'itara ry'umuhondo mu buryo bwakamo amatara atatu.

   Ibimenyetso bimulika mu buryo bw'amatara abiri bishyirirwaho nk'abanyamaguru; muli icyo gihe,itara ritukura n'iry'icyatsi kibisi asobanura uko akurikiranye ko bibujijwe n'uko byemewe kwinjira mu muhanda, urugero: kurangira kwemererwa kwerekanwa n'uko itara ry'icyatsi kibisi rimyatsa.

6. Iyo ikimenyetso kimurika cyagenewe ibinyabiziga kidakora, itegeko rigenga gutambuka mbere kw'iburyo rirakurikizwa, keretse iyo hari icyapa cyerekana ko uturutse inzira iyi n'iyi ariwe uhita mbere y'abaturutse mu zindi.
7. Iyo ikimenyetso kimurika cyagenewe ibinyabiziga bihagaze hakomeje gukora amatara atukura ku yindi nzira abayobozi bagenda mu nzira nyabagendwa abo ikimenyetso kimurika cyakomeje kwaka bashobora kurenga icyo kimenyetso bapfa gusa kubigirana ubwitonzi budahuga no kubanza kumenya,bakurikije nk'ibivugwa mu ngingo ya 15 n'iya 26, ko batatera ibyago cyangwa imbogamizi abandi bagenzi bo mu nzira nyabagendwa.

<u>Ingingo ya 105 :.</u>

1. Itara ritukura rishyirwa hejuru y'itara ry'icyatsi

5. The bi-coloured system traffic lights with red and green lights have the same meaning as the three-coloured system corresponding lights.

   When jointly used they have the same meaning as the three-coloured system with yellow light lit.

   The bi-coloured system traffic lights are particularly intended for pedestrians; in that case the red and green lights respectively mean prohibition and authorization to use the public highway, for example, the end of the authorization may be indicated by a flashing green light.

6. When traffic lights intended for vehicles do not work properly, the right hand priority rule is applied unless road signals give priority to one particular way.

7. When traffic lights intended for vehicles are stuck, the red light being indefinitely kept on another way, drivers using a way where the traffic light remains red can overrun it on condition that they show great caution and make sure, by particularly observing the provisions of Articles 15 and 26 , that they constitute neither a danger nor a nuisance for other users of the public highway.

<u>Article 105:</u>

1. The red light is placed above the green light.

5. Les feux rouge et vert des signaux lumineux du système bicolore ont la même signification que les feux correspondants du système tricolore.

   Lorsqu'ils sont allumés conjointement, ils ont la même signification que le feu jaune dans le système tricolore.

   Les signaux lumineux du système bicolore sont notamment établis à l'intention des piétons; dans ce cas les feux rouge et vert signifient respectivement interdiction et autorisation de s'engager sur la chaussée, à titre indicatif, la fin de l'autorisation peut être annoncée par le clignotement du feu vert.

6. Lorsque la signalisation lumineuse destinée aux véhicules ne fonctionne pas, la règle de la priorité de droite est d'application, à moins que des signaux routiers n'accordent à une voie la priorité sur les autres.

7. Lorsque la signalisation lumineuse destinée aux véhicules est bloquée, les feux rouges étant indéfiniment maintenus sur une autre voie, les conducteurs qui circulent sur une voie où le signal lumineux demeure rouge peuvent franchir le signal à condition de faire preuve d'une prudence accrue et de s'assurer, en observant notamment les prescriptions des articles 15 et 26, qu'ils ne constitueront ni un danger, ni une gêne pour les autres usagers de la voie publique.

<u>Article 105.</u>

1. Le feu rouge est placé au-dessus du feu vert.

kibisi.

Iyo ikimenyetso kimulika gifite itara ry'umuhondo, iri rishyirwa hagati y'itara ritukura n'itara ry'icyatsi kibisi.

Amatara y'inyongera agizwe n'akarangacyerekezo k'ibara ry'icyatsi kibisi, ashyirwa mu nsi cyangwa iruhande rw'itara ry'icyatsi kibisi.

2. Amatara akurikirana ku buryo bukurikira:

a) ku bimenyetso by'uburyo bw'amatara atatu

1. itara ry'umuhondo ryaka nyuma y'itara ry'icyatsi kibisi;

2. itara ritukura ryaka nyuma y'itara ry'umuhondo;

3. Itara ry'icyatsi kibisi ryaka nyuma y'itara ritukura;

b) ku bimenyetso by'uburyo bw'amatara abiri

Itara ritukura n'itara ry'icyatsi kibisi azima akurikirana yabanje kwakirizwa rimwe.

3. Ubuso bumurika bw'amatara bukozwe n'uruziga rw'umurambararo wa santimetero 18 kugeza kuri santimetero 21 naho umurambararo ntarengwa ugeze kuri santimetero 5 ku matara y'inyongera yashyiriweho abanyamaguru ku buhagarike ntarengwa bungana na metero imwe na santimetero 50.

Ingingo ya 106 :

When a traffic light signal is equipped with a yellow light, the latter is placed between the red light and the green light.

The additional lights constituted by a green coloured arrow are placed under or besides the green light.

2. The lights function according to the following sequence:

a) In the three coloured systems:

1. The yellow light appears after the green light;

2. The red light appears after the yellow light;

3. The greenlight appears after the red light.

b) In the bi -coloured system:

The red light and the green light disappear alternatively after having been lit jointly.

3. The lighting surface of the lights has the form of a 0.18 m to 0.21 m diameter, the maximal diameter being 0.05 m only for additional lights intended to pedestrians and placed at a maximal height of 1.50m.

Article 106:

Lorsqu'un signal lumineux est équipé d'un feu jaune, celui-ci est placé entre le feu rouge et le feu vert.

Les feux supplémentaires constitués par une flèche de couleur verte sont placés en dessous ou à côté du feu vert.

2. Les feux se succèdent comme suit:

a) dans les systèmes tricolores

1. le feu jaune apparaît après le feu vert;

2. le feu rouge apparaît après le feu jaune;

3. le feu vert apparaît après le feu rouge;

b) dans le système bicolore

Le feu rouge et le feu vert disparaissent alternativement après avoir été allumés conjointement.

3. La plage éclairante des feux a la forme d'un cercle d'un diamètre de 0,18 m à 0, 21 m, le diamètre maximum étant ramené à 0,05 mètre pour les feux supplémentaires établis à l'intention des piétons à une hauteur maximum de 1,50 mètre.

Article 106 :

1. Ibimenyetso bimulika byerekana uburyo bwo kugendera mu muhanda kw'ibinyabiziga bishyirwa iburyo bw'umuhanda ukurikije icyerekezo abagenzi bireba baganamo.

   Ariko, bishobora no gushyirwa ibumoso cyangwa hejuru y'umuhanda n'ahandi hose bitunganiye uburyo bwo kugendera mu muhanda, kugira ngo birusheho kugaragara neza.

2. Ibimenyetso bimulika byo kugendera mu muhanda biri mu buryo bw'amatara abiri bishobora gushyirwa hejuru y'ibisate by'imihanda bikavuga ibi bikurikira:

   a) itara ritukura, ryitiriwe umusaraba wa Mutagatifu Andreya risobanura ko kugenda kuri icyo gisate cy'umuhanda rigenga, bibujijwe ku bayobozi bakigana;

c) itara ry'icyatsi kibisi risa n'akarangacyerekezo gafite isonga ryerekeye hasi, risobanura ko kugenda ku gisate cy'umuhanda rigenga byemewe ku bayobozi bakigana.

3. Ahantu uburyo bwo kugendera mu muhanda byerekanwa n'ibimenyetso bimurika, ibinyabiziga bishobora kuhagenda biteganye n'aho umubare wabyo utatuma biba ngombwa.

1. Traffic lights are placed on the right side of the public highway facing the direction of the vehicles concerned.

   They may be duplicated on the left side of the public highway or above it or elsewhere as traffic may impose.

2. The bi-coloured system traffic lights may be placed above the traffic lanes of a public highway; they then have the following meaning:

a) the Saint Andrew cross red light, means traffic prohibited on that lane for drivers facing it;

b) the down oriented arrow green light means traffic authorized on the lane concerned for drivers facing it.

3. In places where there are traffic lights, vehicles may move in parallel lines even when this is not justified by traffic density.

1. Les signaux lumineux réglementant la circulation des véhicules sont placés à droite de la chaussée par rapport à la direction suivie par les conducteurs qu'ils concernent.

   A titre indicatif, ils peuvent être répétés à gauche ou au dessus de la chaussée et à tout autre endroit où la circulation le justifie.

2. Des signaux lumineux de circulation du système bicolore peuvent être placés au-dessus des bandes de circulation d'une chaussée; ils ont la signification suivante:

   a) le feu rouge, qui a la forme d'une croix de Saint André, signifie que la circulation est interdite sur la bande qu'il concerne pour les conducteurs vers lesquels il est orienté;

c) le feu vert, qui a la forme d'une flèche dont la pointe est dirigée vers le bas, signifie que la circulation est autorisée sur la bande qu'il concerne pour les conducteurs vers lesquels il est orienté.

3. Aux endroits où la circulation est réglée par des signaux lumineux, les véhicules peuvent circuler en files parallèles, même si la densité de la circulation ne justifie pas un tel comportement.

ICYICIRO CYA II: Ibimenyetso by' amatara amyatsa.
Ingingo ya 107

1. Kugirango berekane ahantu habi cyane; hakoreshwa ikimenyetso cy'itara ry'umuhondo rimyatsa rivuga: uburengazira bwo gutambuka icyo kimenyetso barushijeho kwitonda.

   Iryo tara rigomba kugaragara nijoro no ku manywa, ntacyo rihindura ku mategeko agenga uguhita mbere.

2. Iyo itara ry'umuhondo rimyatsa rikoreshejwe mu masangano y'amayira ahwanyije agaciro, rishyirwa kuri buri nzira cyangwa hagati y'amasangano ku buryo ribonwa n'umuyobozi wese ugiye kuyinjiramo.
3. Iyo itara ry'umuhondo rimyatsa riri ku kintu kimwe n'ibimenyetso bimurika byerekana uburyo bwo kugendera mu muhanda, cyangwa hafi yacyo, ntirishobora kwakira rimwe na byo.

ICYICIRO CYA III: Ibikoresho ngarura-rumuri.
<u>Ingingo ya 108 :</u>

1. Imbibi ziri ku mpera z'ubwihugiko bw'abanyamaguru kandi ziri mu muhanda kimwe n'imbibi n'ibindi bikoresho bigenewe gutuma bagenda mu muhanda nta muvundo zisigwa irangi ry'umuhondo ngarurarumuri.

SECTION II: <u>Flashing traffic lights.</u>

<u>Article 107:</u>

1. A dangerous spot may be indicated by a yellow intermittent light to mean authorization to pass the signal very cautiously.

   That light has to be visible day and night; it absolutely does not modify the priority rules.

2. When the flashing yellow light is used at crossroads of equal sizes, it is placed on both of them or in the middle of the crossroads so that it be seen by every driver who comes to the junction.
3. When the flashing yellow light is fixed on the same stand as traffic lights or nearby, it can be lit jointly with them.

SECTION III: <u>Reflectors</u>

<u>Article 108:</u>

1. Posts placed at the limits of traffic islands and situated on the roadway, as well as posts and other devices used for traffic channelling, are painted in a reflecting yellow colour.

SECTION II: Signaux à feux clignotants.

<u>Article 107 :</u>

1. Pour marquer un endroit dangereux, il peut être fait usage d'un feu clignotant jaune signifiant: autorisation de franchir le signal en redoublant de prudence.

Ce feu doit être visible tant de jour que de nuit; il ne modifie en rien les règles de priorité.

2. Si le feu clignotant jaune est utilisé à un carrefour dont les voies sont d'importance égale, il est placé sur chacune d'elles ou au centre du carrefour de manière à être visible par tout conducteur qui aborde celui-ci.
3. Lorsque le feu clignotant jaune est placé sur le même support que les signaux lumineux de circulation ou à proximité, il ne peut être allumé en même temps que ces derniers.

SECTION III: Dispositifs réfléchissants.

<u>Article 108</u> :

1. Les bornes placées aux extrémités des refuges pour piétons et situées sur la chaussée, ainsi que les bornes et autres dispositifs destinés à canaliser la circulation, sont revêtus de peinture jaune réfléchissante.

2. Amatara cyangwa ibikoresho ngarura-rumuri bikoreshwa kugirango bigaragaze inkengero z'inzira nyabagendwa bigomba gushyirwaho ku buryo abagendera kuri iyo nkengero ihwanye n'uburyo bwo kugendera mu muhanda babona gusa iburyo bwabo iby'ibara ritukura cyangwa risa n'icunga rihishije naho ibumoso bwabo, iby'ibara ryera.

UMUTWE WA IV: IBIMENYETSO BIRI MU MUHANDA

Ingingo ya 109 :

Ibimenyetso byo mu muhanda ni ibimenyetso byashyizwe mu muhanda cyangwa ku nkengero z'utuyira tw'abanyamaguru cyangwa inkengero zigiye hejuru ku muhanda bigenewe gutunganya uburyo bwo kugendera mu muhanda cyangwa kuburira cyangwa se kuyobora abagendera mu muhanda.

Bishobora gukoreshwa byonyine, cyangwa biri kumwe n'ibindi bimenyetso.

Bishushanyije ku mugereka wa 6 w'iri teka.

ICYICIRO CYA I: Ibimenyetso birombereje

Ingingo ya 110 :

1. Ibimenyetso birombereje bigizwe n'imirongo iteganye n'umurongo ugabanya umuhanda mo kabiri.

   Bishobora kuba bigizwe na:

2. The reflecting lights or devices used to indicate the borders of the public highway must be placed so as to allow users on the border corresponding to the traffic direction only to see, on their right side, the red or orange ones and, on their left, the white ones.

CHAPTER IV: MARKS ON THE ROAD

Article 109:

Marks on the road are marks drawn on the roadway, or on borders of pavement or built shoulders and intended either for traffic coordination, or for preventing or guiding road users.

They may be used alone, or in combination with other means of signalling.

They are shown in Annex 6 of this Decree.

SECTION I: Longitudinal Marks

Article 110:

1. Longitudinal marks are constituted by lines parallel to the roadway axis.

They may consist of:

2. Les feux ou dispositifs réfléchissants utilisés pour signaler les bords de la voie publique doivent être placés de manière que les usagers longeant le bord correspondant au sens de la circulation ne voient, à leur droite, que ceux de couleur rouge ou orange et, à leur gauche, que ceux de couleur blanche.

CHAPITRE IV:MARQUES ROUTIERES

Article 109 :

Les marques routières sont des marques faites sur la chaussée ou sur les bords des trottoirs ou des accotements en saillie et destinées soit à régler la circulation, soit à avertir ou guider les usagers de la route.

Elles peuvent être employées soit seules, soit avec d'autres moyens de signalisation.

Elles figurent à l'annexe 6 du présent arrêté.

SECTION I : Marques longitudinales

Article 110 :

1. Les marques longitudinales sont constituées par des lignes parallèles à l'axe de la chaussée.

   Elles peuvent consister en:

a) Umurongo udacagaguye;
b) Umurongo ucagaguye;
c) Umurongo udacagaguye n'umurongo ucagaguye ibangikanye.

2. Umurongo wera udacagaguye uvuga ko umuyobozi wese abujijwe kuwurenga. Kandi birabujijwe kugendera ibumoso bw'umurongo wera udacagaguye, iyo uwo murongo utandukanya ibyerekezo byombi by'umuhanda.

3. Umurongo ucagaguye uvuga ko buri muyobozi abujijwe kuwurenga, keretse mu gihe agomba kunyura ku kindi kinyabiziga, gukatira ibumoso, guhindukira cyangwa kujya mu kindi gice cy'umuhanda.
Iyo uduce tw'umurongo ucagaguye ari tugufi kandi twegeranye cyane, tuvuga ko umurongo ukomeza wegereje.

4. Iyo umurongo wera ukomeje n'umurongo wera ucagaguye ubangikanye umuyobozi agomba kwita gusa ku murongo urushijeho kumwegera.

Umuyobozi warenze umurongo ucagaguye n'umurongo udacagaguye ibangikanye kugirango anyure ku kindi kinyabiziga ashobora kwongera kuyirenga kugira ngo asubire mu mwanya we ukwiye mu muhanda.

5. Mu muhanda ufite igice banyuramo gikikijwe n'uduce tugari tudafatanye tw'ibara ryera, ibinyabiziga bigenda

a) a continuous line;
b) a broken line;
c) a continuous line and broken line juxtaposed.

2. A continuous white line means that it is prohibited to every driver to cross it.
In addition , it is prohibited to circulate along the left side of a continuous white line when it separates the two directions of traffic .

3. A broken white line means that it is prohibited to every driver to cross it, except on overtaking, for turning left, for effecting a U-turn or for shifting lines of circulation.

When strokes of the broken line become shorter and closer one to the other, they indicate the proximity of a continued line.

4. When a continuous white line and a broken white one are juxtaposed, the driver must take into consideration the nearest line.

The driver who has crossed a broken line and a continuous one juxtaposed in order to effect an overtaking may anyway cross them again to resume his normal place on the highway.

5. On a roadway provided with a traffic lane delineated by large discontinous white strokes, slow vehicles and transport service

a) une ligne continue;
b) une ligne discontinue;
c) une ligne continue et une ligne discontinue juxtaposées.

2. Une ligne blanche continue signifie qu'il est interdit à tout conducteur de la franchir.

En outre, il est interdit de circuler à gauche d'une ligne blanche continue lorsque celle-ci sépare les deux sens de la circulation.

3. Une ligne blanche discontinue signifie qu'il est interdit à tout conducteur de la franchir, sauf pour dépasser, pour tourner à gauche, pour effectuer un demi-tour ou pour changer de bande de circulation.

Lorsque les traits de la ligne discontinue sont plus courts et plus rapprochés, ils annoncent l'approche d'une ligne continue.

4. Lorsqu'une ligne blanche continue et une ligne blanche discontinue sont juxtaposées, le conducteur ne doit tenir compte que de la ligne la plus proche.

Le conducteur qui a franchi une ligne discontinue et une ligne continue juxtaposées pour effectuer un dépassement peut cependant les franchir à nouveau pour reprendre sa place normale sur la chaussée.

5. Sur une chaussée pourvue d'une bande de circulation délimitée par de larges traits discontinus de couleur blanche, les véhicules

buhoro n'ibinyabiziga bitwara abantu muri rusange, bigomba kunyura muri icyo gice cy'umuhanda, bishobora nyamara kunyura mu gice gikurikiyeho ibumoso bishaka kunyura ku bindi binyabiziga bipfa gusa kugaruka mu mwanya wabyo ukwiye mu muhanda bikimara kubinyuraho.

6. Igice cy'inzira nyabagendwa kigarukira ku mirongo ibiri yera icagaguye ibangikanye kandi gifite ubugari budahagije kugira ngo imodoka zitambuke neza, kiba ari agahanda k'amagare.

7. Umurongo wera udacagaguye ushobora gucibwa ku nkombe nyayo y'umuhanda, umusezero w'inzira y'abanyamaguru cyangwa w'inkengero y'umuhanda yegutse kugirango biboneke ku buryo burushijeho.

8. Umurongo w'umuhondo ucagaguye uciye ku nkombe nyayo y'umuhanda, umusezero w'inzira y'abanyamaguru cyangwa w'inkengero y'umuhanda yegutse, bivuga ko uguhagarara umwanya munini bibujijwe kuri uwo muhanda ku burebure bw'uwo murongo.

9. Umurongo mugari wera udacagaguye ushobora gucibwa ku muhanda kugirango ugaragaze inkombe mpimbano yawo.

Igice cy'umuhanda kiri hakurya y'uwo murongo kigenewe guhagararwamo umwanya muto n'umwanya munini keretse kubyerekeye imihanda irombereje

cars have to use the said lane, they may anyway use the lane immediately on the left in order to effect an overtaking and on condition that they resume their normal place on the roadway immediately after the overtaking manoeuvre.

6. The section of the public highway delineated by two broken and parallel white lines, and not wide enough for automobile vehicles traffic constitutes a cycle lane.

7. A continuous white line may be drawn on the actual border of the roadway, pavement or raised shoulder to render them more visible.

8. A broken yellow line drawn on the actual border of the roadway, pavement or raised shoulder means that parking is prohibited on the roadway alongside that line.

9. A wide and continuous white line may be drawn on the roadway to indicate its fictitious border.

This section of the roadway situated beyond that line is reserved for stopping and parking, except on highways and roads for automobiles.

lents et les véhicules des services de transport en commun sont tenus d'emprunter ladite bande; ils peuvent cependant emprunter la bande située immédiatement à gauche de la bande précitée pour effectuer un dépassement et à condition de reprendre leur place normale sur la chaussée immédiatement après la manœuvre de dépassement.

6. La partie de la voie publique délimitée par deux lignes blanches discontinues et parallèles, et d'une largeur insuffisante pour permettre la circulation des véhicules automobiles, constitue une piste cyclable.

7. Une ligne blanche continue peut être tracée sur le bord réel de la chaussée, la bordure d'un trottoir ou d'un accotement en saillie pour les rendre plus apparents.

8. Une ligne jaune discontinue tracée sur le bord réel de la chaussée, la bordure du trottoir ou d'un accotement en saillie signifie que le stationnement est interdit sur la chaussée le long de cette ligne.

9. Une large ligne blanche continue peut être tracée sur la chaussée pour marquer le bord fictif de celle-ci.

La partie de la chaussée située au-delà de cette ligne est réservée à l'arrêt et au stationnement, sauf pour les autoroutes et les routes pour automobiles.

y'ibisate byinshi n'imihanda y'imodoka.
Intangiriro n'iherezo by'aho hantu hahagararwamo umwanya munini bishobora kugaragazwa n'umurongo wera udacagaguye wambukiranya umuhanda.

Imyanya ibinyabiziga bigomba guhagararamo ishobora kugaragazwa n'imirongo yera yambukiranya umuhanda.

10. Mu gihe iyo mirongo nta kundi yagenwe, imirongo yera irombereje igomba kugira ubugari buri hagati ya santimetero 10 na santimetero 15, naho imirongo migari igomba kugira ubugari buri hagati ya santimetero 40 na santimetero 60.

Uburebure n'ubutandukane by'uduce tw'umurongo ucagaguye bizaba ku buryo bukurikiranye hagati ya metero 1 na metero 5 no hagati ya metero 3 na metero 15.

11. Imirongo yera irombereje ishobora gusimburwa n'imitemeri hakurikijwe ibi bikulikira:

a) Umurongo udacagaguye ugizwe n'imitemeri y'ibara ryera cyangwa risa n'icyuma, iri mu ntera ngufi igenda ingana hagati yayo;

b) Umurongo ucagaguye ugizwe n'imitemeri y'ibara ryera cyangwa risa n'icyuma ishyizweho mu dutsiko muri two imisumari igashyirwa mu ntera ngufi kandi ikagenda ingana hagati

The beginning and end of that parking area may be indicated by a cross continuous white line.

The space that vehicles must occupy can be delimited by white transversal lines.

10. Except when they are otherwise qualified, longitudinal white lines must be 0.10 m to 0.15 m wide , wider lines must be 0.40 m to 0.60 m wide.

The length and spacing between the strokes of a broken line will mesure respectively 1 to 5 and 3 to 15 m.

11. Longitudinal white lines may be replaced by studs, in conformity with the following prescriptions:

a) a continued white line is constituted by white or metallic coloured studs placed at short and regular distance one from the other;

b) a discontinued white line is constituted by white and metallic coloured studs placed at short and regular distance one from the other, the different groups being themselves separated one from the other by a slightly

Le début et la fin de cette zone de stationnement peuvent être indiqués par une ligne blanche continue transversale.

Les emplacements que doivent occuper les véhicules peuvent être délimités par des lignes transversales de couleur blanche.

10. Lorsqu'elles ne sont pas autrement qualifiées, les lignes blanches longitudinales doivent avoir une largeur comprise entre 0,10 et 0,15 mètre, les lignes larges doivent avoir une largeur comprise entre 0,40 et 0,60 mètres.

La longueur et l'espacement des traits d'une ligne discontinue seront respectivement compris entre 1 et 5 et entre 3 et 15 mètres.

11. Les lignes blanches longitudinales peuvent être remplacées par des cônes, conformément aux prescriptions suivantes:

a) une ligne continue est constituée par des cônes de couleur blanche ou métallique placés à distance courte et régulière les uns des autres;

b) une ligne discontinue est constituée par des cônes de couleur blanche ou métallique placés par groupes dans lesquels les cônes sont placés à distance courte et régulière les uns des autres, les

yayo, utwo dutsiko twose natwo ubwatwo tukaba dutandukanijwe n'intera igiye isumbaho.

12. Ibimenyetso by'agateganyo bigizwe n'imitemeri y'ibara risa n'icunga rihishije bishobora gusimbura imirongo yera irombereje, idacagaguye n'icagaguye hakurikijwe amabwiriza yashyizweho mu gika cya 11 cy'iyi ngingo.

Ibimenyetso by'agateganyo bivanaho agaciro k'ibimenyetso birombereje byera biri ahantu hamwe.

ICYICIRO CYA II: Ibimenyetso byambukiranya

Ingingo ya 111 :

1. Umurongo mugari wera udacagaguye uciye ku buryo bugororotse ku nkengero y'umuhanda werekana aho abayobozi bagomba no guhagarara akanya gato gategetswe babyeretswe n'icyapa n° B, 2 a, cyangwa na B,2b (STOP) cyangwa ikimenyetso kimurika cyerekana uburyo bwo kugendera mu muhanda.

2. Umurongo ugizwe na mpande-eshatu nyampanga zifite amasonga yerekeye aho abayobozi zireba baturuka kandi uciye ku buryo bugororotse ku nkengero y'umuhanda werekana aho abayobozi bagomba guhagarara akanya gato iyo bishoboka, kugira ngo batange inzira hakulikijwe icyapa n° B,1 (mpandeshatu ifite rimwe mu masonga rireba

longer distance.

